

Ibyangombwa

Imfunguzo zo kwiga Bibiliya

a publication of:



VillageMinistries.org

Ibyangombwa

Imfunguzo zo kwiga Bibiliya

Copyright ©2013
Village Ministries International, Inc. (VMI)

VMI yakoze izi mfashanyigisho itanze uburenganzira busesuye mugukoresha no gukwirakwiza izi mfashanyigisho mu kwigisha umuntu cyangwa itsinda ry'abantu Ijambo ry'Imana no kubigisha Umwami Kristo Yesu; gusa nta muntu ufite uburenganzira bwo kuzihindura yaba agira icyo agabanya cyangwa yongeramo (uko cyaba kingana kose). Nta muntu cyangwa itsinda ry'abantu rigomba kwishyuz'uhawe izi nyigisho kuko VMI mu mikorere yayo itangira ubuntu kandi idacuruzza imfashanyigisho zayo.

Imikoreshereze yose y'izi mfashanyigisho kwaba ari ukuzisakaza, kuzituburira mu macapiro bigomba gukorwa herekanwa uwazihanze :

Copyright ©2013 Village Ministries International, Inc.
Reprinted with permission
Essentials: Bible Study Keys is a publication of
Village Ministries International, Inc.
VillageMinistries.org

Ibyanditswe byose byakoreshejwe muri kopi y'Icyongereza byavanywe muri Bibiliya yitwa New American Standard Bible® Copyright ©1960, 1962, 1963, 1968, 1971, 1972, 1973, 1975, 1977, 1994 ya:

The Lockman Foundation
A Corporation Not for Profit
La Habra, CA

Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka kugira ngo umuntu w'Imana abe ashitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose.
2 Timoteyo 3:16-17

Imurikagitabo

Izi Imfashanyigisho za Bibiliya zashyizwe hamwe na Village Ministries International, Inc (VMI). VMI kuva igitangira iharanira kugeza Ubutumwa Bwiza bwa Kristo Yesu ku bantu bo mu midugudu yose no mu byaro bya kure. Amahirwe yo kwamamaza Inkuru nziza, mu buryo bwa kimisiyoneri usanga kenshi adahoraho. Intego y'uyu murimo n'ugushaka abantu Imana yashizemo impano bakomoka muri iyo midugudu n'ibyo byaro bakigishwa kandi bagakomezwe kuburyo bakomeza umurimo wo kugabura ibyanditswe byera, igihe abamisiyoneri baturuka hanze baba bata kiboneka. Ibi bidufasha kukomeza guhindura benshi kuba abigishwa ba Kristo Yesu; kuko ariwo murimo nyamukuru Umwami n'Umukiza wacu yadusigiyeye.

VMI yifuza kugeza imfashanyigisho za Bibiliya mu duce tw'isi aho ziba ari ingume kandi zifunzwa cyane. Iyo VMI isakaza izi mfashanyigisha; ihugura ku buryo bunoze abashumba n'abigisha ba Bibiliya mu kwigisha ibyanditswe byera.

Turashimira abantu benshi badufashije mu gutegura izi nyigisho. Mbere na mbere turashimira Umwami wacu Yesu Kristo we waduhaye agakiza, akanadushoboza kubaha Imana mu buntu bwe bwinshi (2 Pet 1:3). Turashimira na none abantu bose bitanze, batanga igihe cyabo, ubumenyi bwabo ni bindi byose byakenewe kugirango ibi bishoboke. Abo bose ni intwari z'Umwami.

Iriburiro

Iyi porogaramu yo gukomeza no kwigisha ya VMI yitwa Imfashanyigisho zinoze za Bibiliya. Zakorewe gufasha abiga bwa mbere Ijambo ry'Imana kugira ngo *"bakure mu buntu bw'Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n'Umukiza"*(2 Pet 3:18). Niyo mpamvu ikigenderewe cyane s'ugufasha uwiga Ijambo gusobanukirwa byinitse Ijambo ry'Imana gusa ahubwo nino kumufasha kukura mu buzima bw'umwuka.

Aka gatabo karimo ibikenerwa nshingiro byo gufasha uwiga Ijambo ry'Imana kumenya: Igice cya 1, "Itangiriro," kwita no kumenya agaciro ko kwitegura mu Mwuka kandi iki gice gitanga ishusho mbonera y'Ijambo ry'Imana. Igice cya 2 kirimo "amahame y'ubusobanuro bw'Ijambo."

Twifuza kandi dusengera k'aka gatabo kagufasha kurushaho komatana n'Umwami Yesu Kristo mu nzira yo kwizera igaragara mu Ijambo rye.

Ikaze mu Ijambo ry'Imana ry'agahebuzo!

Igice 1:

Kwitegura Gutangira

Kwitegura kwa Buri Muntu

A. Ibikenerwa shingiro kandi by'ibanze byo kwiga Bibiliya

1. Kwizera Umwami Yesu Kristo

Ibintu by'ibanze uwiga Bibiliya agomba kwitaho ningombwa cyane. Niba utarakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe, iki nicyo ukwiriye kubanza gukora mbere yo gutangira inyigisho kuko, umuntu buntu w'inyama n'amaraso (udafite Kristo) ntashobora kwakira no kumva iby'Umwuka w'Imana (1 Kor 2:14). Agakuza tugahabwa no kwizera gusa Umwami Yesu Kristo. Imirimo mwiza ntiyadukiza (Ef 2:8-9; Tito 3:5). Ibyanditswe nyamukuru bitubwira ku gakuza k'ubugingo tubisanga mu 1 Kor 15:3-5. Kugirango ukizwe ugomba kwizera ko Yesu ariwe Kristo: Ko yapfiriye ibyaha byawe agahambwa akazuka ku muni wa gatatu. Ni ugushyira ibyiringiro byawe mu murimo wakozwe kandi warangijwe n'Umwami kubwo kubaturwa no kuvanwa mu nyanja y'umurimo. Ntacyo wakora ngo ukizwe usibye kwizera aribyo kwemera (Yoh 6:29).

2. Kwemera ko Ibyanditswe byera byahumenswe n'Imana

Ijambo ubwaryo ryemeza korituruka ku Mana (2 Tim 3:16-17). Utangira kwuryiga wese agomba kubanza kwemera icyo. Nta kindi usabwa mu kwizera usibwe kwemera ko Bibiliya ari Ijambo nyakuri ry'Imana.

3. Gusenga

Gusenga ni ngombwa kugirango umuntu ashobore kumva Ibyanditswe. Ijambo ry'Imana riduhugurira ngo niba tubuze ubwenge tubusabe, Imana iha abantu bose itimana, itishama izabuduha (Yak 1:5). Isengesho ry'ukuri risaba kumenya no gusobanukirwa rizabuzwa kuko ibi byombi biri mu gushaka kw'Imana (1 Yoh 5:14 hamwe Mat 7:7-8).

4. Kwiga ubishyizeho umwete n'umutima kandi wihanganye

Kuko bimwe mu byanditswe bidahita byisobanura, kwigana umwete, umuntu abishyizeho n'umutima ndetse no kwihangana ni ngombwa iyo umuntu yiga Ijambo ry'Imana (2 Tim 2:15). Iyo twe nk'abana ba bantu dufite aho tugarukira mu kumenya dushaka kumva iby'ubwenge butagira iherezo bw'Imana, tugomba kwumvaho neza na gato bitwara igihe.

5. Guhora watura neza ibyaha byawe

Ni byingenzi na none kwatura neza ibyaha byawe, kuko bituma Imana yeza neza ubuzima bwacu maze tugashobora kugirana nayo ubusabane busesuye (1 Yoh 1:6-10). Iyo duhora dushaka kwatura ibyaha byacu bituma duhora dusuzuma ibitekerezo byacu, amagambo yacu cyangwa ibikorwa byacu bitajyanye n'ugushaka kw'Imana.

6. Guhora witeguye gukora ugushaka kw'Imana

Umwami Yesu Kristo aravugaga ati: *"Umuntu nashaka gukora ibyo ikunda, azamenya ibyo nigisha ko byavuye ku Mana"* (Yoh 7:17). Niba icyo umuntu agambiriye ari ubusabane n'Imana, ibyo azamenya byose bizamufasha kwegera no gusobanukirwa Imana birushijeho. Ubwenge butera kwihimbaza (1 Kor 8:1). Niba icyo ugambiriye ari kwongera ubumenyi gusa akaba atari gusabana n'Uwiteka, uumenyi uzunguka buzaba butuzuye kandi bwuzuye ubuyobe.

B. Inyungu eshanu Umuntu akura mu kwiga Bibiliya nk'Ijambo ry'Imana

1. Gukomezwa mu kwizera

Intumwa Pawulo ubwayo itubwira iti: *"tugenda tuyoborwa no kwizera tutayoborwa n'ibyo tureba"* (2 Kor 5:7). Twese duhabwa agakiza n'ubuntu mu kwizera (Ef 2:8-9); kuri Pawulo rero uko duhabwa akakiza ni nako tugomba kubaho (Kolo 2:6-7).

2. Ubumenyi bushya

Hari ubumenyi bushya duhabwa no gukura mu buntu *"no kumenya Umwami wacu Yesu Kristo"* (2 Pet 3:14-18). Ubu bumenyi budutera kuha agaciro Ubuntu bwe. Hamwe no gukura mu kumenya Kristo, dukura mu kwizera iyo twumva Ijambo ry'Imana (Rom 10:17) kandi tukamwiringira muri byose.

3. Kwezwa mu buzima bwacu

Ijambo ry'Imana ni ngombwa kugirango twezwe mu buzima bwacu kuko Ijambo ari ukuri (Yoh 17:17). Nubwo twizeye turacyarwana n'icyaha mu buzima bwacu (1 Yoh 1:6-10), niyo mpamvu tugomba kwiga Ijambo ry'Imana kugirango ritwereke ibyaha biri muri twe. icyo gihe tuzamenya gusenga kugirango twezwe (Zab 51). Hari abakristo benshi bashakira ugukiranuka mu bindi bintu byinshi hejuru y'Ijambo ry'Imana, ibi nibyo byitwa inzira y'amategeko, aho umuntu hishyiriraho andi mategeko ni izindi nzira zo gukiranuka. Umwami wacu Yesu Kristo arwanya kumugaragararo iyi migenzereze (Mar 7:1-13), tugomba rero kwita cyane ku nzira z'Imana.

4. Imbaraga mu murimo

Tuzongererwa imbaraga z'Umwuka Wera mu murimo twahamagarihe (Ef 2:10) nidukomeza kwiga no gushaka kumenya "umutima wa Kristo" (1 Kor 2:14-16). Turi mu ntambara na Satani niyo mpamvu dukeneye imbaraga zirenze ubushobozi busanzwe bwa muntu (Ef 6:10-18). Izo mbaraga zituruka mu gucira bugufi ugushaka kw'Imana; kuko ariyo ikorerera muri twe *"idutera gukunda no gukora ibyo yishimira"* (Fili 2:13).

5. Kuzuzwa imano z'umurimo

Kumenya Ijambo ry'Imana bidushoboza kugendera mu kuri k'Umwami wacu Yesu Kristo (Kol 3:16-17) no kukwamamaza hose kuri iyi si yayobye kandi iri mu mwijima. (Yoh 17:17-19; Heb 5:12). Impamvu nyamukuru yo kogeza Ijambo ry'Imana ni *"kuzuza abera impano z'umurimo mu kubaka umubiri wa Kristo"* (Ef 4:11-13). Gusangiza abandi izi mpano bisaba ko natwe tubanza tukazihabwa.

Bibiliya

A. Bibiliya ni iki?

1. Ijambo ry’Imana ryanditswe

Bibiliya si igitabo gisanzwe. Yanditswe n’abantu barenze mirongo ine kandi babayeho mu mwaka itandukanye mu gihe ki myaka 1,500. Yesu Kristo ayita “Igitabo” (Heb 10:7) Umwana w’umuntu nt’ahandi yashobora kumenyara inzira zo gukiranuka n’ubuntu. Imana yahisemo ko ijambo ryayo ryakwandikwa kugirango inzira zayo zisobanuke. Umuntu yakira akemera Ibyanditswe mu kwizera, ibi byanditswe byagaragajwe kandi bisohorera mu mateka (ibyabaye mu mateka). Umwana w’umuntu avugisha Imana mu gusenga n’aho Imana ivugana natwe cyane cyane mu Ijambo ryayo.

Abantu benshi bakoresha Bibiliya zahinduwe mu zindi ndimi bahereye ku ndimi Ijambo ry’Imana ryanditswemo. Isezerano rya kera keshi rihindurwa rivuye mu Giheburayo, usibye amagambo ari mu gitabo cya Daniyeli igice cya 2 kugeza mu gice cya 7 n’igitabo cya Ezira igice cya 4 kugeza mu gice cya 7. Ibi bice byanditswe mu rurimi rujya gusa n’Igiheburayo, ururimi rw’icyaramayika kuko ariryo rurimi rwavugwaga cyane na abayahudi benshi igihe ibi bitabo byandikwaga. Isezerano rishya ryose ryo rwahinduwe riva mu “Koiné” aricyo Kigereki.

Ibice n’imirongo byongewemo nyuma muguhishurirwa uburyo bwiza bwo gushaka ibyanditswe. Nubwo bitakozwe n’Imana, budufasha cyane mu kumva uko abatubanjirije bumvaga Ibyanditswe.

2. Ibyanditswe byahumetswe n’Imana

Ijambo ryose riri muri bibiriya ryahumetswe n’Imana (2 Tim 3:16-17) kandi ni iry’agaciro. “Guhumekwa” birenze guturukam’ubwenge bw’umwana w’umuntu, ni Ijambo ryamuritswe kandi ryerekanywe kuko rikomoka ku Mana. Ni impumeko y’Imana yiyerekana mu buryo bwa kimuntu.

3. Guhishurwa kw’Ijambo rihoraho ry’Imana

Bibiliya ni Ijambo rihoraho ry’imana Umwami wacu Yesu Kristo. Rwahishuwe bisobanura kugaragazwa kw’ikintu gishya. Guhishurirwa tuguhabwa n’Umwuka Wera ukorera muri twe udushoboza kumva neza Ijambo iyo turyiga. Amagambo masa y’Ibyanditswe siyo Jambo rihoraho ahubwo Ibyanditswe byahumetswe n’Imana bitubwira Umami Yesu Kristo (Heb 4:12 na Yoh 5:39-47). Ibi ni itandukaniro ry’ingenzi ryo kugaragazwa; Impapuro na wino bya Bibiliya nta mbaraga bifite ahubwo ziri mu Mwuka Wera we uhindura ubuzima bw’abantu. Kwibwira ko mu byanditswe harimo imbaraga udahindishwa umushyitsi na Nyiraryo uba uta inyuma ya huye (Heb 12:2).

B. Uko Bibiliya ikusanyije

1. Ibice bibiri by’ingenzi

Bibiliya irimo amaragano abiri: Isezerano rya kera n’Isezerano rishya.

Irimo ibitabo 66, 39 mu Isezerano rya kera, byanditswe n’abanditsi barenze 30; n’ibitabo 27 mu Isezerano rishya byanditswe n’abanditsi 10. Bibilira ifite ibice 1,189; ibice 929 m’Isezerano rya kera n’ibice 260 mu isezerano rishya. Isezerano rya kera rifite imirongo 23,214 naho Osezerano rishya rifite imirongo 7,959 (yose hamwe ni imirongo 31,173).

Iragano ni isezerano aho umuntu aha undi ikintu cy’agaciro. Mu rugero iyo umuntu acuruza ikintu runaka, agiha umuntu hanyuma ugihawe akacyakira cyangwa akacyanga. Iyo acyakiriye, amasezerano ararakorwa. Ayo masezerano aba arimo ibizayobora imibanire y’abayagize kuri icyo gicuruzwa. Urugero rwiza rw’amasezerano turusanga mu ndahiro zo mu bukwe cyangwa kubana k’umugabo n’umugore. Indahiro bagirana nk’umugabo n’umugore zibabera urufatiro rw’imibanire yabo.

Isezerano rya kera ririmo isezerano Imana yasezeranyije ubwoko bwayo Messiah. Turaza kurebera hamwe mu bikurikira ibyaya masezerano.

2. Ibice bitanu b’isezerano rya kera:

Isezerano rya kera riciyemo ibice bikurikira:

a. Itegeko:

Igice cy'amategeko "Torah" mu rurimi rw'Igiheburayo cyangwa Pentateuch (bivuga "ibitabo bitanu" mu Kigereki), Iki gice kirimo ibitabo bitanu: Intangiriro, Kuva, Abalewi, Kubara no Gutegeka kwa kabiri.

b. Ibitabo by'amateka

Hari ibitabo 12 by'amateka: Yosua, Abacamanza, Rusi, 1 Samweli, 2 Samweli, 1 Abami, 2 Abami, 1 Ibyo ku ngoma, 2 Ibyo ku ngoma, Ezira, Nehemiya na Esiteri.

c. Ibitabo by'ubusizi

Ibitabo bitanu by'ubusizi ni ibi: Yobu, Zaburi, Imigani, Umubwiriza n'Indirimbo.

d. Abahanuzi bakuru

Abahanuzi bakuru batanu ni aba: Yesaya, Yeremiya, Amaganya, Ezekeyeli na Daniyeli.

e. Abahanuzi bato

Ibitabo by'abahanuzi bato ni cumi na bibiri: Hoseya, Yoweli, Amosi, Obadiya, Yona, Mika, Nahumu, Habakuki, Zefaniya, Hagayi, Zefaniya, Hagayi, Zakariya na Malaki.

3. Isezerano rishya rifite ibice bitatu

Isezerano rishya rivuga ku kuza kwa Mesiya hanyuma rikaba ririmo n'isezerano ryakurikiye ukuza kwe. Ibitabo by'isezerano rishya harimo byinshi: amateka, ubuhanuzi (Mat 24, Mar 13, Luka 21) nkuko ibitabo by'ubuhanuzi bigira ubutumwa (Ibyah 2-3). Kuba igitabo cyakwitwirirwa iki n'iki biba birebwe mu bigize icyo gitabo muri rusange. Isezerano rishya rigizwe rero n'ibice bitatu:

a. Ibitabo by'amateka

Hari ibitabo bitanu byitirirwa iby'amateka: Ibitabo b'ubutumwa bwiza Matayo, Mariko, Luka na Yohana n'igitako cy'Ibyakozwe n'intumwa.

b. Ibaruwa

Ibitabo by'amateka bikurikirwa n'ibaruwa 21: Abaroma, 1 Abakorinto, 2 Abakorinto, Abagalatiya, Abefeso, Abafilipi, Abakolosayi, 1 Abatesalonike, 2 Abatesalonike, 1 Timoteyo, 2 Timoteyo, Tito, Filemoni, Abaheburayo, Yakobo, 1 Petero, 2 Petero, 1 Yohana, 2 Yohana, 3 Yohana na Yuda

c. Ubuhanuzi

Isezerano rishya rifite igitabo kimwe cy'ubuhanuzi: Ibyahishuwe

Amateka ya Bibiliya mu Ncamake

Ubwizabw'ijambo ry'imana bufatiye ahanini ku kuntu, n'ubwo ryanditse n'abantu benshi mu gihe kirekire kandi kinyuranye, rihora ari rishya kandi rivuga kubiriho. Ubundi amateka avuga ku bintu biba byarabaye mu gihe cyahise. Amateka akurikira yerekana urukurikirane rutangaje rw'ibintu byabaye ku kiremya muntu. Mukwitegereza ibintu nyamukuru byabaye, dushobora kubona intangiriro n'umwanzuro w'amateka atagaje ya muntu. Ndetse twanashobora kubona neza uko twasubiza kimwe mu bibazo abatekereza bibaza kuva kera: "Kuki turi hano kw'isi?"

Uru ruhererekane ry'amateka ruri mu ncamake. Dushatse kuvuka aya mateka ntitwabirangiza. Mureke twigire ku bintu nyamukuru by'amateka yaduhaye. Muri iri somo turaza gushobora kurebera hamwe umugambi mwiza kandi ndakuka w'Imana.

A. Uko ibyabaye byagenze mu mateka

1. Irema

Bibiliya ihera mu gitabo cy'Intangiriro yerekana intangiriro ry'irema ry'ijuru n'isi (Itang 1:1; 2 Pet 3:6). Mu iherezo ry'igitabo cy'Ibyahishuwe, ibyaremwe mbere na mbere bivanwaho hakaza ibiremwe bushya "Ijuru n'Isi bishya" (Ibyah 21–22).

2. Ubugome bwa Satani

Mbere y'iremwa ry'umuntu, Satani yagomeye Imana (Yes 14:12-14; Ezek 28). Impamvu yuku kugoma kwa mbere igenda igaragara mu Byanditswe kandi inkomoko yayo ntabwo isobanuka mu buryo butaziguye. Igaragara nuko hariho intambara hagati y'Imana na Satani (Ibyah 12) ko kandi ubugome bwa Satani buzongera kugaruka nyuma y'imyaka igihumbi Umwami Yesu azategeka kw'isi, mbere y'iremwa ry'ijuru rishya n'isi shya (Ibyah 20:7-10).

3. Isi n'umuntu

Imana yateguye isi kugirango iturweho n'umwana w'umuntu (Itang 1:2–2:3: nkuko ubusobanuro bw'ijambo isi "ntahsusho" yarifite [TOHU mu Giheburayo] kandi irimo "ubusa busa" [BOHU mu Giheburayo] kigaragaza k'itari ituwe kandi nta cyaremwe na kimwe cyayirangwagaho). Ikibazo kikaba ko hari hari umugome Satani wahoraga ashaka guhiga Imana. Igihe Imana izaboha Satani mu gihe cy'imyaka igihumbi cy'ubwami bwa Yesu Kristo (reba Ibyah 20:1-3), Imana izongera itunganye ryose isi kubw'umwana w'umuntu (Yes 60–66).

4. Adamu wambere na Adamu wanyuma

Adamu wambere yari yarahawe ububasha bwo kuba umutwe w'ibyaremwe byose (Itang 1:28; 2:4-25). Yari yarashyizwe mu busitani bwa Edeni kugirango abukorere kandi aburinde. Adamu wanyuma ariwe Umwami wacu Yesu Kristo (1 Kor 15:45) Azashyiraho ubuyobozi bufatika mugihe cy'imyaka 1,000 (Ibyah 20:4). Niwe Adamu wanyuma kuko ntawe uzongera kubaho utunganye.

5. Intambara hagati y'umwana w'umuntu na Satani

Igihe Adamu yagwaga mubusitani bwa Edeni, yabaye mububata bwa Satani ariwe uyobora iyi si (Itang 3; Yoh 12:31; 16:11). Imana izaha Kristo gutsinda Satani mbere y'ubwami bwe bw'imyaka igihumbi butangira (Ibyah 20:1-3).

6. Ibyaremwe byose bizacirwa urubanza

Imana yemeyeko umwana w'umuntu agwa mu cyaha, nyamara izacira umwana w'umuntu wese urubanza. Mu Intangiriro ibice bya 4–10 tuhabona inkomoko y'umwuzure Imana yatsembesheje abantu kuberako yaribabajwe no gukiraniwa kwabo. (Itang 6:1-13). Imana izongera ihane abantu igihe Kristo Yesu azagaruka, nyuma y'imyaka irindwi yo kugeragenza. icyo gihe azatandukanya intama (Abizeye) n'ihene (Abatizeye) (Mat 25:31-46).

7. Babuloni

Nyuma y'umwuzure abantu barongeye barororoka bakwira kw'isi ariko mu gihe gito barongera bagomera Imana. Muri Babuloni bubaka umunara wa Babeli (Itang 11), wari ikimenyetso cyo gushaka kwiyubakira izina bakikiza. Batekerezako bashoboye kubaka umunara muremure bakagera mu ijuru, bashobora guhunga uburakari bw'Imana (nkuko bwari bwagaragajwe n'umwuzure). Umusingi bari bubatseho uyu munara twawita idini ry'ubumuntu" aho umwana w'umuntu yemera kandi akizera ko yakwikiza

akoresheje imwizere ye (kwiyizera) n'ubutunzi. Iyi myemerere niyo shingiro y'amadini yose yiyi si. Ubukiristo nibwo bwonyine bwemera k'umuntu atakakwikiza niyo mpamvu bwemeza ko umuntu akeneye Umucunguzi. Iyi myumvire ya kimuntu igenda igaragara muri Bibiliya aho umuntu yigenga akagomera Imana. Iyi myitwarire yagaragaye muri Babuloni ya kera (Yes 47) na Tiro (Ezek 26–27) kandi natwe iracyatugaragara uyu muni. N'uyu muni iyi myitwarire iri mu madini yi si aho bemera ko umuntu hagera ku b'umana akikiza. Mu gihe cy'itotezwa, Imana izakuraho ubutegetsi bwa Babuloni bwishyizeho (Ibyah 17–18).

8. Isiraheli

Ubwo Uwiteka yatatanyirizaga abantu bi Babeli mu moko no mu ndimi nyinshi, Imana yahamagaye Aburahamu kuba ubwoko n'ishyanga risya, Isiraheli (Itang 12). Abaruhamu yabyaye umwana we Isaka mu buryo bw'igitangaza ndetse n'umwuzukuru we Yakobo, muri bo Imana ikomeza isezerano rya Mesiya yari yarahaye Aburahamu (Itang 22:1-18; 28:14). Yego ubwoko bwa isiraheli butatanyirizwa mu mahanga kubera kutumvira no gusenga ibigirwamana ariko isezerano ry'Imana ntiriyigeze rikuka. Isiraheli izongera yegeranywe mu buryo bw'igitangaza nyuma yigihe cyo kubabazwa kw'Itorero mu gihe cy'imyaka igihumbi cyo kwima k'Umwami Yesu Kristo (Mat 24:29-31).

9. Ukuza kwa Yesu Kristo

Ukuza kwa mbere kwa Yesu Kristo kwabaye mu gihe gikwiriye muri gahunda n'umugambi w'Imana mu mateka (1 Tim 2:6). Inkuru nziza ya Matayo, Mariko, Luka na Yohana yerekana inkuru nziza yagahebuzo y'ivuka, umurimo, urupfu n'izuka bya Yesu. Yesu Kristo niwe "Mugaragu w'umubabaro" Yesaya ahanura kandi akavuga neza mu gice kiki gitabo cya 53. Ukugaruka kwa Kristo Yesu kuzaba nyuma y'Imibabaro y'Itorero igihe azongera gukandagiza ikirenge ke kuri iyi si akanesha abanzi be maze aze ashagashiwe, yime imyaka igihumbi (Zek 14:1-8; Ibyah 19:11-19), Nagaruka azagaruka nk' "Umwami Utsinda."

10. Umurimo udasanzwe

Inkuru Nziza (Mat, Mar, Luk, Yoh) itwereka umurimo udasanzwe Umwami Yesu Kristo yakoze muri rubanda, aho yitangiraga abandi (Mat 20:28). Imigenzereze ya Yesu yari itandukanye cyane niya antikristo (uzwe nanone nk'umwana wo kurimbuka) umurimo we ni uwo kwihimbaza ashaka ko bose bamusingiza (2 Tes 2:1-12; Ibyah 6–16).

11. Itorero

Nyuma yo kuzuka no kuzamuka kwa Yesu Kristo akicara iburyo bw'Imana Data, Itorero ryahawe inshingano yo kwamamaza Inkuru Nziza yo kubabarirwa ibyaha twahawe n'igitambo cya Yesu Kristo. (Ibyakozwe n'intumwa). Itorero rifite inshingano zo guhindura amahanga abigishwa ba Kristo (Mat 28:18-20) kugeza ubwo rizazamurwa mu bukwe bw'Umwami (1 Tes 4:13-18; 1 Kor 15:50-58; Ibyah 19:7-10).

B. Incamake

Iyo turebye uko amateka akurikirana tubona ishusho iteye agahebuzo kandi ifite ireme mbonera. Ni ishusho ihishe kandi yerekanywe ya amateka ya mwenemuntu. Igaragazwa niyi shusho mbonera, ukoresheje numero zaburi gice cy'amateka yavuzwe urabona ishusho y'agahebuzo yigaragaza; ishusho y'umugambi w'Imana.¹

¹ Adapted from J. Edwin Hartill, *Principles of Biblical Hermeneutics*, p. 9

1. Iremwa ry'ijuru n'isi–Itangiriro 1:1; 2 Pet 3:6
2. Igoma rya mbere rya Satani–Yes 14:12-14 ; Ezek 28
3. Itegurwa ry'isi kubw'umwana w'umuntu–Itang 1:2–2 :3
4. Ubutware bw'Adamu wambere–Itang 2:4-25
5. Umuntu mu bubata bwa Satani–Itang 3
6. Urubanza ku bantu bose–Itang 4–10
7. Iyubakwa ry'Umunara wa Babeli–Itang 11
8. Isiraheli ihamagarwa nk'ishyanga–Itang 12
9. Ukuza kwa mbere kwa Yesu Kristo–Mat, Mar, Luk, Yoh
10. Umurimo wa kristo Yesu–Mat, Mar, Luk, Yoh
11. Umuhamagaru w'ltorero–Ibyakozwe n'intumwa
11. Kuzamurwa kw'ltorero–1 Tes 4:13-18; 1 Kor 15:50-58
10. Umurimo wa Antikristo–2 Tes 2:1-12; Ibyah 6–16
9. Ukugaruka kwa Yesu Kristo–Ibyah 19:11-19
8. Kongera kwegeranywa kwa isiraheli nk'ltorero–Mat 24:29-31
7. Gusenywa k'ubutegetsu bwa Babuloni–Ibyah 17–18
6. Urubanza ku bantu bose–Mat 25:31-46
5. Kristo atsinda Satani–Ibyah 20:1-3
4. Ubutware bw'Adamu wa kabiri–Ibyah 20:4
3. Isi itunganye kubw'umwana w'umuntu–Yes 60–66
2. Igoma rya numa rya Satani–Ibyah 20:7-10
1. Iremwa ry'ijuru rishya n'isi nshya–Ibyah 21–22

Ishusho y'Uruhererekane ry'Ibihe

Uwiga agomba kumenya uruhererekane by'ibihe n'ukuntu bikurikirana kandi bihura. Niyo mpamvu iki gice kiki gitabo kerekana ibihe bitatu. Uruhererekane rwa mbere ni ibihe by'ingenzi icumi bigaragara muri Bibiliya, amatariki yabyo n'incamake ngombwa ya buri gihe. Uruhererekane rwa kabiri rwita ku bihe nyamukuru bigaragara m'Isezerano rya Kera, rukerekana n'ibitabo byo muri Bibiliya bibivugaho. Uruhererekane rwa gatatu rwerekana uko ibitabo by'Isezerano rishya bikurikirana.

Ikimenyetso "B.C." kumatariki kimenyeshya "mbere ya Krsisto" naho ikimenyetso "A.D." gisobanura "nyuma ya Kristo." (A.D. gikomoka ku rurimi rw'Ikilatini Anno Domini bisobanura "mu mwaka w'Umwami.")

Amatariki agaragazwa aturuka mu kugerageza kumva Ijambo uko riri. Abagerageje kwiga Ijambo ry'Imana bageze ku matariki atandukanye bitewe n'impamvu nyinshi tutashobora kurondora aha ngaha. Nturangazwe nibyo kuko uruhererekane rw'ibihe aha niryo ry'ingenzi.

A. Ibihe icumi by'ingenzi n'amatariki yabyo

1. Ukugwa kwa Adamu (3958 B.C.)

Iseengura ry'Ibyandistwe ritwerekana ko iyo umuntu arebye uruhererekane ry'urubyaro, abiga Ijambo basanga ukugwa kwa Adamu kwarabaye ahagana mu myaka yi 3958 mbere y'ivuka rya Kristo. Uruhererekane Bibiliya itwerekana rudusaba kureba duherereye kuri Adamu na none tukareba dusubiye inyuma duturutse mu mwaka wa kane w'ingoma y'Umwami Salomoni (1 Abami 6:1). Bibiliya iduha ibisobanuro by'imyaka iri hagati yibi bihe byombi. Muguhuza ibihe bya Bibiliya n'amateka asanzwe ya mwene muntu bituma dushobora kubona ishusho nyayo nayo amateka asanzwe n'aya Bibiliya ahurira.

2. Umwuzure wo mu gihe cya Nowa (2302 B.C.)

Iyo turebye imukurikirane y'urubyaro ry'umuntu mu Itangiriro 5, tubona igihe cy'imyaka igera kuri 1,656 kuva ku kugwa kw'Adamu kugera ku mwuzure. Ibi bitwerekana k'umwuzure waba warabaye ahagana mu mwaka wi 2302 B.C.

3. Isezerano ryahawe Aburahamu (1875 B.C.)

Uruhererekane rw'ibihe rutwerekana k'Aburahamu yavutse mu mwaka wa 352 nyuma y'umwuzure bivugwa imyaka 2,008 nyuma ya Adamu (Itang 11:10-26). Ibi byerekana ko yavutse mu mwaka wi 1950 B.C. Dusoma m'Itang 12:4 ko Aburahamu yahawe isezerano n'Imana afite imyaka 75. Ibi bitwerekana rero ko Isezerano ry'Aburahamu ryakozwe mu mwaka wi 1875 mbere ya Kristo.

4. Kuva kwa Isiraheli (1445 B.C.)

Tubona urubyaro rw'Aburahamu m'Itangiriro 12-50. Abana ba Yakobo, umwuzukuru w'Aburahamu bimukiye muri Egiputa baza kugirwa imbata n'abanyegiputa (Kuva 1). Imana ibakiza ubu bubata ikoresheje Mose. Intumwa Paul itwerekana ko igihe k'imyaka 430 cyatambutse kuva igihe Aburahamu yaherewe isezerano kugeza igihe Mose ahabwa amatekeko (Gal 3:17). Ibi bituma Kuva twagushyira mu mwaka wi 1445 B.C. cyangwa se kukaba kwarabaye mu myaka 2,438 nyuma y'Adamu.

5. Umwaka wa kane w'ingoma ya Salomoni (965 B.C.)

Salomoni n'umwami wa 3 wa Isiraheli, yimye akurikira se Dawudi wari wasimbuye umwami Sawuli. Mu 1 Abami 6:1 hatwerekana k'igihe batangiraga kubaka urusengeru hari hashize imyaka 480 bavuye mu Misiri. Urusengeru rwaba rwarubatswe mu mwaka 965 mbere ya Kristo cyangwa nyuma y'imyaka 2,918 nyuma ya Adamu. Birashoboka kubara no guhuza umwaka wa kane w'ubwami bwa Salomoni n'andi mateka asanzwe. Niyo mpamvu dushobora guhera kuri iki gihe tugasubira inyuma tuamenya igihe iyimukamisiri cyangwa kuva, igihe k'igihe k'isezerano ry'Aburahamu, igihe k'umwuzure n'igihe cyo kugwa kw'Adamu. Ubushakashatsi ku bisigazwa bya kera bwabaye mu myaka 100 ishize bwatumye igihe fatiro cya B.C. gisubirwamo mu mateka asanzwe. Iyi iba impamvu imwe mu kunyuranya kw'ibihe by'amateka.

6. Kugwa k'ubwami bw'amajyaruguru (721 B.C.)

Nyuma y'urupfu rwa Salomoni Isiraheli yacitsemu ubwami bubiri: Ubwami bwa Ruguru cyangwa Isiraheli n'ubwami bw'Amajyepfo cyangwa Yuda. Ubwami bw'Amajyaruguru bufatwa n'ubwami bwa Siriya mu mwaka wa 721 B.C. nuko ntibwongera kubaho ukundi.

7. Kugwa ku bwami bwa Yuda (586 B.C.)

Ubwami bwa Yuda bwafashe n'ubwami bwa Babilini mu mwaka wa 586 B.C. abayuda bacirirwa I Babuloni imwaka 70 nyuma barakomorerwa basubira iwabo mu mwaka wa 516 B.C.

8. Ivuka rya Yesu Kristo (1 B.C.)

Ubu buryo bwo kwandika amataliki "B.C." na "A.D." bwatangiye gukoresha mu kimnyejeana cya gatandatu nyuma yo kuza k'Umwami. Bwari uburyo bwo gukoresha kugeza kw'ivuga rye. Igihe Itorerero ryatangiriye gukoresha ubu buryo ryari ryibeshye ku gihe umwami Herode yabereyeho (uyu niwe uvugwa muri Bibiliya ko yari ariho igihe Yesu yavukaga, Luka 1:5). Nyuma basanze harabayeho kwibeshya igihe kijya kungana hafi umwaka umwe kugera kuri ibiri, nyamara ubu buryo bwari bwaratangiye gukoreshwa. Aho kugirango bahindure amataliki y'ibintu byose hahiswemo kuvuga ko Yesu yavutse muri 1 cyangwa 2 B.C. Kalendari ya Julian itangira (umwaka) italiki ya 1 Mutarama naho calendari ya kiyahudi itangira muri Nzeri. Kubw'iyi mpamvu mushobora kuzabona amataliki asa n'aya "1–2 B.C." cyangwa "966–965 B.C."

9. Urupfu, ihambwa n'izuka bya Yesu Kristo (A.D. 32–33)

Benshi mu baminuje mu kwiga Bibiliya bemezako urupfu rya Yesu, uguhambwa kwe n'izuka rye byabaye ahagana mu mu mwaka wa 32–33.

10. Igitabo cya nyuma cya Bibiliya (A.D. 96)

Itariki yiki gitabo ihura n'igihe intumwa Yohana yaciriwe ku kirya cya Patmos (Ibyah 1:9), mugihe cy'umwami w'abami w'abaroma Domitian, nicyo gihe Bibiliya yuzurijwe (Ibyah 22:18-19).

B. Uruhererekane ry'ibitabo byo mu Isezerano rya kera

1. Kuva kuri Adamu kugera ku mwuzure (3958–2302 B.C.)

Itangiriro 1–5

2. Kuva k'umwuzure kugera ku Isezerano rya Aburahamu (2302–1875 B.C.)

Itangiriro 6–12

3. Kuva ku isezerano ry'Aburahamu kugera ku Kuva (1875–1445 B.C.)

Itangiriro 12–50; igitabo cya Yobu

4. Kuva kugera mu mwaka wa kane w'ubwami bwa Salomoni (1445–965 B.C.)

- | | | |
|------------------------|---------------|----------------|
| a. Kuva | e. Yosua | i. 2 Samweli |
| b. Abalewi | f. Abacamanza | j. 1 Abami 1–5 |
| c. Kubara | g. Rusi | k. Zaburi |
| d. Gutegeka kwa kabiri | h. 1 Samweli | l. 1 Ingoma |

5. Kuva mu mwaka wa kane w'ubwami kwa Salomini kugera ku gufatwa k'ubwami bwa Yuda (965–586 B.C.)

- | | | |
|-----------------|------------|-------------|
| a. 1 Abami 6–22 | g. Obadiya | m. Yesaya |
| b. 2 Abami | h. Yoweli | n. Nahumu |
| c. 2 Ingoma | i. Yona | o. Zefaniya |
| d. Imigani | j. Amosi | p. Habakiki |
| e. Umubwiriza | k. Hoseya | |
| f. Indirimbo | l. Mika | |

6. Igihe cy'ubunyage bwa Babuloni (586–516 B.C.)

- | | |
|-------------|--------------|
| a. Yeremiya | c. Ezekiyeli |
| b. Amaganya | d. Daniyeli |

7. Nyuma y'ubunyage kugeraho Isezerano rya kera rigarukira (516–400 B.C.)

- | | | |
|-------------|-------------|------------|
| a. Ezira | c. Zekariya | e. Malaki |
| b. Nehemiya | d. Hagayi | f. Esiteri |

C. Uruhererekane ry'ibitabo by'Isezerano rishya

Dore uko ibitabo by'Isezerano rishya byakurikiranye uko byagiye byandikwa bihumetswe n'Umwuka w'imana :

1. Amateka y'ubuzima bwa Kristo n'itorero ry'intumwa (A.D. 55–85)

- | | | |
|-----------|-----------|------------------------|
| a. Matayo | c. Mariko | e. Ibyakozwe n'intumwa |
| b. Luka | d. Yohana | |

2. Ibaruwa zandikiwe Itorero (A.D. 46–85)

- | | | |
|--------------------|----------------|----------------|
| a. Yakobo | h. Filemoni | o. Abaheburayo |
| b. Abagalatiya | i. Abefeso | p. 1 Petero |
| c. 1 Abatesalonike | j. Abakolosayo | q. 2 Petero |
| d. 2 Abatesalonike | k. Abafilipi | r. Yuda |
| e. 1 Abakorinto | l. 1 Timoteyo | s. 1 Yohana |
| f. 2 Abakorinto | m. Toto | t. 2 Yohana |
| g. Abaroma | n. 2 Timoteyo | u. 3 Yohana |

3. Ubuhanuzi (A.D. 96)

Ibyahishuwe

Uko Bategura Amasomo ya Bibiliya

Mu bice bibiri bibanza twasobanuriwe impamvu y'ingenzi yo kumenya uruhererekane (igice 4) ry'ibihe n'ubusobanuro bifite (Igice cya 3). Kwari ugushaka gusubiza ikibazo beshi bibaza iyo biga Bibiliya: "Ryari?" Uko dushaka kwumva no gusobanukirwa lbyanditswe usanga hari ibibazo bikomeye duhura nabyo mukumenya ukuri kw'Ijambo (2 Tim 2:15). Imana idusaba kuyiha ibyo bibazo byose (Mat 7:7-8).

Ibibazo shingiro twakwibaza kuri buri murungo w'lbyanditswe birasanzwe: Ninde, niki, niryari, nikuki, nigute? Mugushaka ibisubizo kuri ibi bibazo tugomba kwibuka iteka intego ebyiri z'ubuzima bwa gikristo: Ese ibi biramfasha bite gukomeza ubusabane bwanjye na Yesu Kristo (Fili 3:10) ibwo ar'ibyo ngiye kubaho nte (Yoh 7:17)?

A. Ibibazo nyamukuru bya buri cyanditswe

1. Ninde?

Iyo twibaza ikibazo: Ninde? Tuba dushaka kumenya ninde uvuga, ninde ubwirwa. Urugero twarusanga nko m'Itangiriro 22:2 aho Imana isaba Aburahamu kuyitangira umwana we w'ikinege. Aha Imana ibwira Aburahamu mu buryo butaziguye, aha ntabwo dusabwa kuba twakwiyumvamo nkabagomba kubahiriza iryo tegeko.

2. Niki?

Ikibazo niki kiba kigamije gusobanura ikigugwa, ikigenderewe. Ito mu Byahishuwe 5 bise Yesu Kristo umwana w'intama ntabwo baba bavuga ko Yesu ari intama y'amaguru ane n'amahembe, n'umurizo, ahubwo baba bamushushanya n'igitambo cy'ibyaha (Yoh 1:29) yabaye cyo kandi niko biri.

3. Ryari?

Ryari ni ikibazo kigamije kumenya igihe kiberamo ikivugwa mu Byanditswe. Mu rugero Aburahamu gushaka mushikiwe wo kwa se wabo byagaragara nk'icyaha uramutse udasobanukiwe ko ibi biba mbere yo gutangwa kwa amategeko ya Musa abuzi uyu mugenzi. Kandi kuko nta cyaha nta tegeko (Rom 4:15) bigaragara ko rero nta cyaha Aburahamu yakoze. Igisubizo kiza kuri iki kibazo "ryari" kiba ngombwa mu gusobanukirwa lbyanditswe.

4. Hehe?

Hehe ni ikibazo kiba gishaka ubusobanuro bw'aho icyanditswe cyabereye, kigasobanuzwa n'imico yaho. Akenshi muri Bibiliya dusoma ngo "azamuka I Yerusalemu" Mu mico mwinshi azamuka byerekana urugendo. Bibiliya kenshi yerekana ukuzamurwa kurusha icyerekezo cy'ahantu. Iyi lbyanditswe bivuga ngo Yesu aturuka I galileya azamuka ajya I Yerusalemu, Yesu aba yego yafashe urugendo kuva mu majyepfo ariko nanone azamuka.

5. Kuki?

Akenshi ikibazo kuki nicyo kigorana gusubiza. Akenshi igisubizo kiboneka umuntu yize ibindi Byanditswe. Iyo umuntu asomwe Yesaya 7:14 hagira hati: "Dore isugi azasama inda, azabya umwana w'umuhungu amwite izina Imanweli" ikibazo gishobora kuba iki? Kuki isugi? Kandi twasubiza duti "uko niko Imana yabishatse kubigenza." N'ubwo iki gisubizo ari ukuri ntabwo cyuzuye. Uko dushaka igisubizo dusanga mu gice cya 5 cy'Abaroma kivuga ku ngaruka z'icyaha cy'adamu ku mwana w'umuntu; dusanga rero muri Adamu buri muntu afite kamere y'icyaha. Iyo Yesu aza kugira se w'umuntu nawe yari kugira kamere y'icyaha. Igisubizo kuri iki kibazo "kuki?" ni ngombwa kandi kimenyesha impamvu Kristo yari akwiriye kwishyura ibyaha byacu.

6. Gute?

Ikibazo "gute?" cyangwa mu buhe buryo nacyo kirakomera gusubiza. Twakwibaza duti ni "Gute Yesu hagendeye ku mazi?" Igisubizo cyaba ko Yesu yari mu Mwuka (Luka 4:18). Twakwibaza na none duti: "ni gute Imana yagenga isi ya muntu mugihe mwene muntu yahawe ubwigenge mu guhitamo?" Iki kibazo kirakomeye gusubiza, tuzakireba.

B. Ibibazo bibiri by'ingenzi buri wese agomba kwibaza

1. Es'ibi biramfashe bite gukomeza ubusabane bwanjye n'Umwami Yesu Kristo?

Iki ni ikibazo cy'ingenzi tugomba kwibaza. Ubumenyi tuvana mu kwiga lbyanditswe bugomba kudufasha gukomeza ukwizera kwacu (Heb 11:6), kugirango ubusabane bwacu n'Umwami bukomezwe. Tugomba kwizera Ijambo ry'Imana ko ari ukuri kandi ari itro kwiringirwa. Ibi iyo bikozwe bibyara ubusabane n'Umwami bwubakiye mu rukundo kandi budaturutse mu byiyumviro cyangwa ubwenge bw'umwana w'umuntu. Intumwa Pawulo ibivuga neza mu gitabo cy'Abefeso Fes 3:14-19 agira ati:

Nicyo gituma mpfukamira Data wa twese, uwo imiryango yose yo mu ijuru no m isi yitirirwa, ngo abahe nkuko ubutunzi bw'ubwiza bwe buri gukomezwa cyane mu mitima yanyu kubw'Umwuka we, kandi Kristo ahore mu mitima yanyu kubo kwizera, kugira ngo ubwo mu maze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye, muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo, mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana.

Iyo twiga lbyanditswe dushaka kunguka ubwenge gusa tudasunikwa no gushaka kumenya no kugira no gukunda Imana na bagenzi bacu (Mar 12:29-31), tuba abibone (1 Kor 8:1). Intumwa Pawulo yaminuje mu kumenya lbyanditswe kurusha abandi kuri iy'isi (2 Kor 12:1-4), yerekanye icyifuzo cye kiruta ibindi: *'ko na mumenya'* (Fili 3:10). Pawulo nk'umufarisayo yari yarigeze kwiga Ijambo ashaka ubwenge ariko nk'umukristo atangira gushaka kurushaho kwegera Imana Uwitaka mu Ijambo ryayo.

Mushaka kumenya amasezerano y'imana kandi muyiringire, kugira ngo *"mukurire mu buntu bw'imana no kumenya Yesu Kristo"* (2 Pet 3:18).

2. Niba aribi ngiye kubaho nte?

Igihe tumaze kumva icyandistwe twiga tugomba kwibaza aho gihuriye, icyo kivuga nicyo kidusaba mu buzima bwacu bwa buri muni. Dufite urugero rwiza mu byandistwe mu Heb 12:1-3 umurongo wa 1 and 2 ugira uti:

Nuko natwe ubwo tugoswe n'igicu cy'abahamwa bangana batyo, twiyambure ibituremerera byose n'icyaha kibasha kutwizingiraho vuba, dusiganirwe aho dutegekwa twihanganye dutumbire Yesu wenyine, ari we banze ryo kwizera kandi ariwe ugusohozwa ryose, yihanganiye umusaraba kubw'ibyishimobyamushyizwe imbere ntiyita ku isoni zawo, yicara iburyo bw'intebe y'Imana.

Igishushanyo aha umwanditsi wibarurwa yandikiwe Abaheburayo akoresha ni isiganywa. Hari abantu bicaaye bareba amasiganywa (intwari so kwizera mu gice cya 11). Amasiganywa ni ayo kwihuta cyane kandi ni maremare nyamara kuyatsinda hari intebe y'icyubahiro imuteganyirijwe. Usiganywa yiyambura ikindi cyose cyamuremerera kikamubuza kwihuta, cyangwa se indi mbogamizi yose yamutega. Amaso ye ayahanga kw'iherezo aho Uwatubanjirije muri aya masiganywa (Yesu Kristo) ahagaze. Ibyishimo by'intsinzi bikamukomeza bikamutsindira umunaniro wose mu nzira. Ku murongo wa 3 umwanditsi akoresha ibi mu buzima bwacu:

Nuko muzirikane uwo wihanganiye ubwanzi bw'abanyabyaha bukomeye butyo, kugirango mudacogora mukagwa isari mu mitima yanyu.

Iyo duhuye n'ibitugerageza n'abaturwanya, imibabaro n'agahinda, isoni n'ikimwaro kubw'izina rw'Umwami Yesu Kristo, Tugomba guhanga amaso Uwatubanjirije tugakomezwa nawe! Twibuka ko *"Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha"* (Heb 4:15).

C. Ese turamutse tunaniwe gusubiza ibi bibazo byose?

Ibibazo n'ibisubizo byabyo ni ibya ngombwa. Nyamara tugomba kwibuka ko ubusabane bwacu n'Imana lhoraho bushingiye ku kwizera (Ef 2:8-9; Kol 2:6), ntabwo rero duhabwa ibisubizo byose mu buzima. Ariko Imana yadusezeranije ko igihe kizagera byose bigasobanuka (1 Kor 13:12). lbyanditswe biduha ibikenewe byose byatuyobora muri ubu buzima.

Igice 2:

Uburyo Nshingiro bwo Gusobanura Ibyanditswe Intangiriro

Iki gice cya kabiri nicyo gufasha uwiga Bibiliya kimwera amahame ane n'uburyo cumi na butanu bwo gusobanura ibyanditswe. Muri iki gice ihame bivuga inzira ndakuka zigomba gukurikizwa igihe cyose umuntu yiga Ijambo ry'Imana. Naho uburyo n'uko rya hame rigenderwamo kandi bufasha kurikoresha cyane n'ubwo bitari itegeko gukoresha uburyo ubu n'ubu igihe cyose. Uko tugenda tureba iki gice uwiga abona "uko" na "ryari" yakoresha uburyo butandukanye turi bubone muri iki gice.

Ugusobanura Ijambo ry'Imana ubundi ni intego y'ubuzima bwose. Nta buryo bubaho bwafasha umuntu kumva no gusobanukirwa Bibiliya mu gihe gito ayifashe akayifungura. Uyiga rero ntagomba gucika intege ngo ndetse anarekere kukomeza gushaka ukuri! Imana yemeye ko mu Byanditswe habamo ibikomeye kugirango tuyje twiyambaza Umwuka Wera (1 Kor 3:10-16). Igihe hari ibyanditswe dushobora kumva hari ibyo tudasobanukirwa muri iki gihe cyacu (1 Kor 13:12).

Iyaba gusobanura Ijambo ry'Imana byakorwaga mu buryo runaka, n'umuhakanyi nawe ubwe yagakoresheje ubwo buryo akisobanurira Ijambo. Imana ishaka ko abayishaka bakwiga Ibyanditswe kugirango bashobore gukura mu Mwuka (2 Tim 2:15). Nuko rero nukoresha aya mahame n'uburyo wibuke ko ugomba kwishingikiriza Umwuka Wera kuko ariwe wenyine wakugeza ku kuri (Yoh 16:13).

Dore incamake z'amahame n'uburyo tugiye kwiga:

Ihame rya mbere: Shaka kugira ibimenyetso bifatika bikwereka Imana na Kristo Yesu mu Byanditswe byose

- A. Uburyo bwa 1: Iga ushaka kumenya akamero k'Imana
- B. Uburyo bwa 2: Shaka uburyo Kristo agaragazwa

Ihame rya kabiri: Shaka gusobanukirwa ibyo bimenyetso ukoresheje kandi uyobowe n'ibyanditswe byumvikana

- A. Uburyo bwa 3: Menya ko guhishurirwa kuza buhoro buhoro
- B. Uburyo bwa 4: Fata Ijambo uko ryanditse wikwiyongereraho
- C. Uburyo bwa 5: Wite ku byanditswe by'umwihariko ku ntego
- D. Uburyo bwa 6: Iga ibyanditswe by'ibanze
- E. Uburyo bwa 7: Ibuka kandi emera ihitamo ry'umwana w'umuntu
- F. Uburyo bwa 8: Ibuka amasezerano

Ihame rya gatatu: Shaka kumenya kandi ugire ubwenge ugereranya kandi uhuza Ibyanditswe

- A. Uburyo bwa 9: Reba aho ibyanditswe binyurana
- B. Uburyo bwa 10: Wite ku ntego n'ikivugwa nyamukuru y'ikivugwa
- C. Uburyo bwa 11: Gereranya ubusobanuro ugezeho mu Byanditswe
- D. Uburyo bwa 12: Shaka aho Ibyanditswe byuzuzanya
- E. Uburyo bwa 13: Wite ku mwumvire y'ibihe
- F. Uburyo bwa 14: Witondere ubuhanuzi

Ihame rya kane: Shaka kubaho ubuzima bwa gikristo bushingiye kandi buyobowen' Ijambo ry'Imana

- A. Uburyo bwa 15: Gukoresha Ijambo neza bituruka mukuryumva neza
- B. Intambwe eshanu mu gukoresha Ijambo
- C. Imbogamizi 6 mu kumva no gusobanukirwa Ijambo
- D. Inzira umunani watsindirwamo gukoresha Ijambo

Ihame rya Mbere

Shaka kugira ibimenyetso bifatika bikwereka Imana na Kristo Yesu mu Byanditswe byose

Iri hame ryita cyane ku kamero k'Imana, cyangwa se ibiyiranga, mu gushaka kumva no gusobanura Ibyanditswe neza. Ntanarimwe akamero cyangwa indangagaciro zayo zijya zihinduka cyangwa se ngo zibusane narimwe. Kubw'iri hamwe, igihe cyose twemeye kandi tukamenya neza akamero gatangaje k'Imana (Fil 3:10), nibwo tuzasobanukirwa neza tukagira ubwenge mubyo Imana yavuze.

Kuva Imana Data, Imana Mwana n'Imana Mwuka Wera bafite akamero kamwe, ni ikimenyetso ndakuka cy'ubutatu bwera. Ijambo Ubutatu bwera ni uko Data, Mwana na Mwuka Wera bagize Imana imwe. Urebye basa nkabakora mu buryo butatu. Data ashiraho umugambi (Ibyak 2:23), Mwana akawusohozza (Yoh 5:36) Mwuka Wera akawuduhishurira (Yoh 16:13). Nubwo twashaka kumva imikorere yabo ntutugomba gubatandukanya. Habaho Imana imwe (Guteg 6:4); kandi Data, Mwana na Mwuka Wera basangiye akamero bose ni Imana imwe.

A. Uburyo bwa 1: Iga ushaka kumenya akamero k'Imana

Hari kamere icumi z'Imana ni ngombwa kuzimenya no kuzizirikana kandi zigasubirwamo iteka

1. Ubudakumirwa

Imana NTIKUMIRWA, ni Umwami kandi ikora icyo ishatse, uko ishatse n'igihe ishakiye. Ubudakumirwa ni ubutware hejuru ya byose. Imana iri hejuru y'ibyaremwe byose kandi nta na kimwe kiyigenga. Yararemye ntiyaremwe (Rom 1:20,25). Ifite rero ubutware bwo gushyiraho umugambi ishatse, amategeko yemera n'urubanza ishatse. Muri make, ifite ubutware bwo guhitamo icyo ishatse no gukora icyo ishatse nubwo icyo yaba igambiriyeye cyaba gikomeye gusobanuka kuri twe.

2. Gukiranuka

Imana IRAKIRANUKA pe kandi muri byose, Irakwiriye mu nzira zayo zose. Niyo cyitegererezo cyo gukiranuka muri byose. Yuzuye ubugwaneza kandi niyo shusho tugomba kwigana (Ef 5:1).

3. Ubutabera

Imana ica IMANZA ZITABERA, m'ugukiranuka kwayo, Imana ica izitabera. Imana ntabwo igira abo ibera (Rom 2:11). Ihana icyaha cyose cyangwa se kwigomeka ku mategeko yayo (Rom 5:13).

4. Urukundo

Imana ni URUKUNDO, muri yo niho dusanga kandi tubona urukundo rutagira ikiguzi. Urukundo bivuga kugenzerereza abandi neza kandi ibikwiriye nubwo ubikora byamutera akababaro. Abakristo duhamagarirwa kugira urukundo rw'Imana no kurugeza ku bandi kugirango bamenye Imana (Yoh 13:34-35).

5. Ubuzima buhora

Imana ni UBUZIMA BUHORAHO. Yabayeho kandi izahoraho. Ntigira itangiriro kandi ntigira iherezo. Natwe nk'abakristo dufite ubuzima bw'iteka, bugira aho buhera ariko ntibugira iherezo. Kuba ihoraho bivuga ko nta cagu k'urupfu kigeza cyangwa kazayirangwamo.

6. Ishobora byose kandi ni Nyirimbaraga zose

Imana ISHOBORA BYOSE bisobanura ko ifite imbaraga zo gukora icyo ishatse cyose. Urugero rw'ubushobozi bwayo butagira akagero bugaragara mu irema ry'ijuru n'isi (Itang 1:1). Ibyanditswe bitubwira ko yaremye amajuru kubw'Ijambo ryayo kandi Umwuka wo mu kanwa ke ni wo waremwe ingabo zo mu ijuru (Zab 33 :6).

7. Ibera hose rimwe

Imana IBERA HOSE RIMWE kandi mu gihe kimwe. Ariko ibi ntibivuga ko Imana ari byose (Pantheism) ahubwo bivuga ko Imana iba hose. Ibi bitwereka akamero k'Imana.

8. Izi byose

Imana IZI BYOSE izi ibyahise, ibiriho ndetse n'ibizaza. Imana izi ibiba byose si ni ibyabaye cyangwa ibyaba ahubwo izi n'ibishoboka byose. Izi kandi isobanukiwe neza ingaruka ni ikiva mu mwanzuro wose. Kandi umugambi wayo w'iteka rwose uzi ibibaho byose (Rom 8:28-30).

9. Ntindhuka

Imana NTIHINDUKA. Kamere yayo ntindhuka na gato kandi na rimwe.

10. Ni inyakuri

Imana ni inyakuri. Iki kitumenyesha ko ibyo ivuga byose aribyo kwizerwa (Kub 23:19). Ntibasha kubeshya (Tit 1:2).

B. Shaka kumenya uburyo Kristo agaragazwa

Uburyo bwa kabiri butwereka ko byose mu mateka y'ibibaho byose bibereyeho Kristo Yesu. Butwereka ko Kristo Yesu ariwe muremyi wa byose (Yoh 1:1,3,14; Kol 1:16-17), niwe Alpha kandi niwe Omega, "itangiriro kandi iherezo" (Ibyah 1:8), ni we Mana imwe yabaye umuntu (Fili 2:6-8).

Mu gushaka kumva Ijambo ry'Imana tugomba kwita no gushaka guhuza ibyo dusoma n'ukuri k'Umwami wacu Yesu Kristo. Inzira imwe yadufasha kubikora ni ugushaka kumenya umuntu wese, ahantu hose, ikintu cyose cyangwa amateka yose avugwa muri Bibiliya aho yaba ahuriye na Yesu Kristo. Dusabwa kwiga cyane cyane ukuri k'Umwami Yesu Kristo kurusha kwita ku mategeko yari igicucu cy'ukuri k'Umwami (Heb 10:1; Yoh 14:6). Abavugwa bose mu Isezerano rya kera, ahantu hose n'amateka yose bidufasha kandi bitwigisha Yesu Kristo (1 Kor 10:1-6).

Umwe mu bavugwa mu Byanditswe batwigisha Umwami yaba umuhanuzi Yona. Nkuko mubyibuka Yona yanze kujya I Niniwe nkuko Imana yari yamubwiye ahubwo yifatira ubwato ajya muyindi nzira. Umuraba uba mwinsi mu mazi maze ajugunywa mu mazi nuko amirwa n'ifi amaramo gatatu maze uryo rufi rukuruka I Niniwe noneho yemera gukora ibyo Imana yari yamutumye. Iyo minsi itatu mu nda y'ifi Ibyanditswe yayise "ikimenyetso cy'umuhanuzi Yona" (Mat 12:39-40), ikimenyetso cyavugaga ku gihe Yesu yamaze mu mva.

Ahantu havugwa naho hagira icyo hatwigisha k'Umwami. Ijambo ry'Imana ritwereka ko Yesu yagombaga kuvukira I Betelehemu (Mika 5:2) bivuga "inzu y'umugati." Yesu yari umugati waturutse mu Ijuru and niwe utanga ubugingo bw'Umwuka (Yoh 6:35).

Hari byinshi mu Byanditswe bitwigisha Umwami. Ubuturo, Urusengeru biri muri ibyo bitwereka Umwami. Turamutse dutekereje byonyine ku Hera ahari Ameza yo kumurika imitsima, Igitereko cy'amatabaza cya zahabu n'igicaniro cy'imibavu cya zahabu, twaboneko byatwerekaga Yesu. Na none niwe Mutsima (Yoh 6:35). Akaba n'urumuri rumurikira iy'isi (Yoh 8:12) kaba kandi Uwumva amasengesho yacu (imibavu niyo masengesho y'abera [Ibyah 8:3-4], kandi amasengesho ni igitambo [Heb 13:15-16]).

Ibihe n'ibyabyo, nk'ibitambo by'Abalewi nabyo biratwigisha. Ibitambo byose (dusanga mu gitabo cy'Abalewi mu bice 1-7) byabayeho ari ishisho ya Yesu we gitambo nyakuri cy'ibihe byose (Heb 10:10-12). Kandi koko yari "Umwana w'intama w'imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi" (Yoh 1:29).

Uwiga Bibiliya yanareba ibintu nyamukuru bivugwa mu bitabo bya Bibiliya kandi yabonamo Yesu nkaho ariwe uvugwamo.²

Itangiriro:	Umuremyi n'imbuto y'umugore (1:1; 3:15)
Kuva:	Umwana w'intama watambwe kubw'abanyabyaha (12:1-13)
Abalewi:	Umutabyi mukuru (igitabo cyose)
Kubara:	Inyenyeri yo bwoko bwa Yakobo (24:17)
Gutegeka kwa kabiri:	Undi muhanuzi nka Mose (18:15)
Yosuwa:	Umugaba w'ingabo z'Uwiteka (5:13-15)
Abacamanza:	Umucamanza (11:27)
Rusi:	Umucunguzi wo mu muryango (3)
Samweli:	Umwami w'abami (2 Sam 7:18-20)
Abami n'Ingoma:	Umwami w'ijuru n'isi (mu bitabo hose)
Ezira:	Ukwiriye (1:1)
Nehemiya:	Umwizerwa (9:32)
Esiteri:	Uwigiciro (10)
Yobu:	Umucunguzi ariho kandi azahagarara mu isi (19:25)

² Adapted from R.T. Ketcham, D.D.; found in J. Edwin Hartill's *Principles of Biblical Hermeneutics*

Zaburi:	Uwahiriwe (1) Umwana w'Imana (2) Uwabambwe (22) Uwazutse (23) Uzagaruka (24) Uzima (72) Nyiramashimwe (150)
Imigani:	Bwenge (4)
Umubwiriza:	Bwenge watawe (9:14-15)
Indirimbo:	Umukunzi wanjye (2:16)
Yesaya:	Umucunguzi w'iminyamibabaro (53)
Yeremiya:	Umwami gukiranuka kwacu (23:6)
Amaganya:	Umunyamibabaro (1:12-18)
Ezekiyeli:	Uwicara ku ntebe y'ubwami (1:26)
Daniyeli:	Ibuye rimenagura (2:34)
Hoseya:	Umwami ukomeye Dawidi (3:5)
Yoweli:	Umwami w'ingororano (2:18-19)
Amosi:	Umutabazi wa isiraheli (3:12)
Obadiya:	Umucunguzi wo ku musozi Siyoni (v. 17)
Yona:	Umucunguzi wahambwe akazuka (mu gitabo cyose)
Mika:	Uwiteka Imana (5:2)
Nahumu:	Buhungiro bwo ku munsu w'umujinya (1:7)
Habakuki:	Fatiro ryo kwizera (2:4)
Zefaniya:	Zingiro ryo kwezwa n'urubanza (3:5,15)
Hagayi:	Mwungeri wajanjaguwe (2:17)
Zekeriya:	Shami (3:8)
Malaki:	Zuba ryo gukiranuka (4:2)
Matayo:	Umwami wa Abayuda (2:1)
Mariko:	Umugaragu w'Imana (mu gitabo cyose)
Luka:	Umwana w'umuntu utunganye (3:38; 4:1-13)
Yohana:	Umwana w'Imana (1:1)
Ibyakozwe n'intumwa:	Umwami wazamutse (1:8-9)
Abaroma:	Ugukiranuka (3:22)
1 Abakorinto:	Uwambere mu bazutse (15:20)
2 Abakorinto:	Uwahinduwe icyaha ku bwacu (5:21)
Abagalatiya:	Herezo ry'amategeko (3:10,13)
Abefeso:	Niwe ntwaro zacu (6:11-18)
Abafilipi:	Mugaba utumara ubukene (4:19)
Abakolosayo:	Usumbabose (1:18)
1 Abatesaloniki:	Umwami uzagaruka (4:15-18)
2 Abatesaloniki:	Umucamaza w'isi uzagaruka (1:7-9)
1 Timoteyo:	Umuhuza (2:5)
2 Timoteyo:	Nyiramakamba yose (4:8)
Tito:	Umucunguzi kandi Imana ikomeye (2:13)
Filemoni:	Ubana natwe mu nzu y'imbohe (1:9)
Abaheburayo:	Shingiro kandi uwuzuza kwizera (9-11)
Yakobo:	Umwami Nyiringabo (5:4)
1 Petero:	Ibyanditswe ku buhanuzi bo mu Isezerano rya kera (1:10-11)
2 Petero:	Umucunguzi w'ababaro kenshi (3:9)
1 Yohana:	Ijambo ry'ubuzima (1:1)
2 Yohana:	Intego ya Antikristo (1:7)
3 Yohana:	Ukuri kwigize umuntu (1:3-4)
Yuda:	Umurinzi w'abizera (1:24-25)
Ibyahishuwe:	Umwami w'abami, Umutware w'abatware (19:11-16)

Ihame rya Kabiri

Shaka gusobanukirwa ibyo bimenyetso ukoresheje kandi uyobowe n'ibyanditsweby umvikana

Iri hame ritubwiriza ko ari byiza kurushaho guhera ku byanditswe byumvikana iyo umuntu yiga Ijambo ry'Imana noneho bikayobora umuntu mu kwiga ibisa nkaho bidahita bisobanuka.

Turareba uburyo 6 bujyanye niri hame. Ubu buryo bufasha uwiga Bibiliya kubona vuba no kumenya ibyanditswe nshingiro byo muri Bibiliya.

Muri iki gice turita na none ku kuntu Imana igenda yihishura kandi yerekana umugambi wayo mu bihe n'amateka. Kugirango tubone umugambi we ni byiza kwiga Ijambo uko riri, twita kuri buri jambo n'umwihariko waryo. Bidusaba na none kwiga Ijambo fatiro umutwe w'inyigisho uba ushingiyeho. Tuzareba kandi uko ibiyumviro cyangwa ihitamo ry'umwana w'umuntu ndetse n'amasezerano y'Imana byakwitabwaho mu kumva no gusobanura Ijambo ry'Imana.

A. Uburyo bwa 3: Menya ko guhishurirwa kuza buhoro buhoro

Ubu buryo butwereka ko Imana ihishura ibyayo mu bihe. Mu rugero, ubuhanuzi bwa mbere bwa Mesaya tubusanga mu Itangiriro 3:15, bwerekeye n'imbuto y'umugire. Isezerano rya kera rikomeza mu bitabo byaryo risobanura iyo "mbuto." Tubwirwa mu Itangiriro 12:3 ko iyo mbuto yari imbuto ya Aburahamu, imbuto ya Isaka (Itang 21:12), imbuto ya Yakobo (Itang 35:10-12), imbuto y'umuryango wa Yuda (Itang 49:8-11), imbuto yo mu uruburyo ya Yesayi (Yes 11:1) imbuto yo mu nzu ya Dawidi (2 Sam 7:12-16). Yavukiye I Betelehemu (Mika 5:2). Yari Imana kandi akaba umuntu (Zab 110:4), umucamanza (Yes 33:22) kandi umwami (Yer 23:5). Yari afite ugusigwa kudasanze (Yes 11:2) kandi atwikwa n'ishyamba ry'inzu y'Imana (Zab 69:9).

Iyo ikintu gihishuwe mu gihe kirekire no mu bihe bitandukanye (nko kugaragazwa kwa Mesiya tubonye mu bibanza) ubwo buryo bwitwa "Ihishurwa ryo mu ibihe." Ubuhanuzi ku kintu buragaragazwa nyuma igisobanuro ni ibyabwo byose bikagaragazwa gahoro gahoro mu bihe bitandukanye.

Niyo mpamvu ari ngombwa kubanza kureba aho ikivugwa mu mutwe w'ikigwa cyose akaba aricyo kiyobora imwumvire y'ibikurikira byose. Nk'urugero imigenzereze ya Satani tuyisanga bwa mbere mu Itangiriro 3:1. Iyo twiga rero kuri iyi "nzoka" tuba twibuka kandi tuyobowe n'uko ari umushukanyi kandi urwanya umugambi w'Imana. Satani ntahinduka ngo yicuze ahubwo ahora ari umwe mu mateka yose y'umwana w'umuntu (Ibyah 12:9; 20:2-3,10). Ahindura uburyo bw'imikorere ariko ntiyigeze ahinduka mu myitwarire (Yes 14:12-14; Ibyah 12:9; 20:7-8) cyangwa ngo ahindure imigambi ye kuko ahora ashaka kuba imana. Ibi bigaragara kandi mu 2 Abatesaloniki 2:4 igihe "umunyabugome" azicara ahera mu gihe cyo kubabazwa akiyita imana.

Akenshi dusanga imyumvire rusange ku kintu iba ijyanye kandi ihura n'aho gikomoka. Na none byinshi mu byo dusanga muri Bibiliya usanga bifite cyangwa bitangirira mu Itangiriro. Niyo mpamvu kwiga cyane kandi byimbitse igitabo cy'Itangiriro ni ngombwa ku muntu ushaka gwigira no gusobanura Ijambo ry'Imana.

B. Uburyo bwa 4: Fata Ijambo uko ryanditse wikwiyongeraho

Ubu buryo butwigisha ko Imana icyo iba ishaka kutubwira kiba kiri mu Ijambo ryayo uko rimeze. Ubu ni uburyo bukomeye mu kwiga no gusobanura Ijambo. Iyo tubwira abana bacu tugerageza kubabwira mu buryo bworoshye kandi bwumvikana kugirango bashobore kwibuka ibyo twababwiye. Akenshi tubabwira ikintu kimwe mu buryo bwinshi kugira ngo bashobore kumva (Heb 1:1), dusubiramo kenshi. Ese ntabwo turi abana b'Imana (1 Yoh 3:1) ? Ese Imana si Data (ABBA mu Rom 8:15)? Gufata Ijambo uko riri nta kindi twongeyeho niko kwemera ko Imana ivuga ukuri kose.

Ni byiza kwiga Bibiliya uhereye rero ku Ijambo ryoroshye, risobanutse kandi rihita ryumvikana. Iryo jambo rifasha mu kweyura no kumurikira umuntu iyo ageze ku rindi risa naho rikomeye rigoye guhita wumva.

Mu rugero ijambo risanzwe, ryoroshye kandi ryumvikana ni Yohana 3:6 rigira riti: *"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege kugirango umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."* Aha ntawashidikanya urukundo ry'Imana, ntawagira ngo "wenda," "byashoboka ko," cyangwa ngo "iyo" iri ijambo yerekana mu buryo busobanutse urukundo rw'Imana, uryo ikunda isi kandi ko uwizera wese ahabwa ubugingo bw'iteka. Nuko rero icyo Imana iba itavuze ntutukacyongereho.

Tubona ijambo risa nkiri mu Abaroma 3:23 aho Ijambo rigira riti: *"kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana."* Umuzi w'icyaha uri ku mwana w'umuntu wese aho ava akagera usibye Yesu Kristo (1 Pet 2:22). Bibiliya yonyine niyo ishiraho umurongo ngenderwaho ninayo mpamvu ari nayo yonyine yatubwira ikindi cyakwemerwa hirya yuwo murongo. Twebwe rero nkabiga Ijambo nta ruhushya cyangwa uburenganzira

dufite namba bwo kuba twavugaga icyo Imana itavuze mu Ijambo ryayo. Niyo mpamvu twese turi abanyabyaha usibye Yesu Kristo.

Ako kanya guhita wibwirako ibyanditswe “bihitswe” cyangwa se utabigera “mu mizi” y’ubusobanuro nukutita kunshingano. Nk’uko twabivuzeho, kurebera ibyanditswe ubigereranya nk’ibimenyetso umuntu yihangiye, bigaragara nk’inyongera kw’Ijambo ry’Imana. Imihango n’imiziririzo y’abantu biyongeraho, bituma umuntu atandukira mw’Ijambo ry’Imana. Imana yaratuburiye, idusaba kwitonda kugirango tutagendera muri ibi (Ibyah 22:18-19). Kuko ibi bihabanyaga n’ubusobanuro bw’Ijambo ry’Imana ritagomba kwongerwaho.

Bibiliya ishingiyeye ku mateka yabayeho, kandi asobanutse neza (reba 1 Kor 15). Kubura kutita kuri ubu busobanuro butongeweho, kwashoye abanyatewologiyi mu kubusanya mu mateka ya Isirayeli n’Itorero.

Izindi ngero zidakuka tugomba gusobanura uko ziri n’izi: Rom 8:35-39; Yoh 3:16,18,36; Ef 2:8-10, 1 Yoh 2:1-2; na Tito 3:5.

C. Uburyo bwa 5: Wite ku byanditswe by’umwihariko ku ntego

Ubu buryo butubwirira ko hari ibibazo by’umwihariko uwiga Bibiliya agomba kwitaho mugihe ashaka gusobanura Bibiliya. Mu rugero tugomba kwibaza duti: “Ninde wavuze ibi?” “Byabwirwaga nde?” “Ese byavuzwe ku kihe gihe n’izihe mpamvu?” kandi “Bireba nde?”

Ubu buryo butwereka na none ko Imana yitaye ku bwoko bw’ abantu butatu aribyo, Abayuda, abanyamahanga, n’Itorero (1 Kor 10:32). Niyo mpamvu tugomba kumenya ubwirwa kugirango tumenye gutandukanyaga igihe duhawe amasezerano, igihango cyangwa igihe baducyashye.

Mu bikurikira turaza kurebera hamwe ko kwita k’uwo isezerano rireba ari ngombwa cyane. Mu rugero, ishyamba rw’abanyamahanga (ritari Abayuda) ryashobora gutatanywa ndetse rikavanwaho kubera ukutumvira Imana. Ibi byabaye ku bwami bwa Babuloni, bwa Siriya ndetse nubw’Ubuperesi.

Imana yavuze ko izatanyaga Isiraheli ariko na none isezeranya ubu bwoko kuzongera ikabuhaza. Ntabundi bwoko nabumwe bwigeze buhabwa iri sezerano. Turamutse dushatse gukoresha amasezerano yahawe Isiraheli kubundi bwoko twaba twibeshya.

Urundi rugero ni isezerano ryo kugirwa ishyamba, igihungu ndetse n’ubwengehugu muri Kanani, isezerano rwahawe Isiraheli (Itang 12:1-3, 13:15), urundi rugero ni isezerano ry’ijuru ryahawe Itorero (Fili 3:20). Ubwengehugu, ubutaka ntabwo ari isezerano ry’Itorero.

Urundi rugero rugereranya imigisha ya Isiraheli ishingiyeye ku mibanire yayo n’Imana (Guteg 8:7-10) n’imigisha abanyamahanga bazavana mu guha Isiraheli umugisha (Itang 12:3). Nta mugisha tubwirwa uzahabwa abazaha Itorero cyangwa abanyamahanga umugisha.

D. Uburyo bwa 6: Iga ibyanditswe by’ibanze

Ubu buryo bwo kwiga Bibiliya budusaba kwemera ko bimwe mu byanditswe ari ibyatuwe n’Imana yerekana uko ibona ndetse ishaka ikintu iki n’iki uko kiba, kigenda cyangwa gifatwa; ibyo rero bikaba ari ngombwa kandi ari ibyingenzi mu gukura mu buzima bwacu bwo mu Mwuka. Akenshi muri Bibiliya Imana yegeranya uduce utu n’utu kubwo kutwereka ijamba cyangwa ukuri uku n’uku. Dore ingero zimwe na zimwe:

- Ukuzuka kwa Yesu Kristo—1 Kor 15
- Ururimi rw’umuntu—Yak 3
- Gusanwa kwa Isiraheli—Rom 11
- Intsinzi yo kwizera—Heb 11
- Uburere bw’abana b’Imana—Heb 12:1-11
- Itorero—Ef 1-3
- Gukiranuka guturuka mu kwizera—Rom 3:10-21
- Amategeko—Kuva 20
- Intwari z’Umwuka—Ef 6:10-17
- Urukundo—1 Kor 13

Iyo twiga ikintu runaka, ubu buryo budusaba kubanza kwiga icyanditswe shingiro mbere yo gushaka ibindi byanditswe byaba bivugaga ku kintu cyangwa umutwe w’ijamba runaka.

Urugero twafata ni ku rukundo tubona ruvugwaho cyane muri Bibiliya aho icyanditswe nyamukuru ari 1 Kor 13:4-8a aho tubona ibintu 16 biranga urukundo. Uwashaka kwiga ibi byonyine byatwara hafi icyumweru kuri iyi mirongo ubwayo yonyine. Dore uko ivugaga:

Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwizera byose, rwigingira byose, rwhanganira byose. Urukundo ntabwo ruzashira.

Dusoma muri Mariko 12:29-31 aho Yesu asubiza ikibazo kirebana ni itegeko risumba ayandi:

Umva Isirayeli, Uwitaka Imana yacu ni we Mwami wenyine. Nuko rero ukundishe Uwitaka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose n'imbaraga zawe zose. Irya kabiri ngiri: 'Ukunde mugenzi wawe nkuko wikunda' Nta rindi tegeko rirusha ayo gukomera

Kuva rero amategeko abiri akomeye asaba urukundo, gushaka kumenya icyo urukundo rusaba kugirango dushobore kwisuzuma mu mibanire yacu n'Imana na bagenzi bacu n'ibintu bisanzwe kandi buri wese yagakoze. Impamvu y'urukundo tuyisoma muri Mariko 12 ariko uko rwigaragaza tubisoma mu rwandiko rwa mbere rw'Abakorinto igice cya 13.

Niba rero ushaka kumenya urugero rw'urukundo rwawe wakwibaza ibi bibazo: "Ese ndihangana?" "Ese ngira neza?" "Ese ngira ishyari?"

Urundi rugero turusanga mu cyanditswe kivuga ku ntwaro z'Imana (Abef. 6:10-17). Ntabwo ari aha gusa aho lbyanditswe bivuga ku ntwaro z'Umwuka. Ukuri gushushanywa n'umukandara kugaragara muri Yesaya 11:5. Ingabo ikingira mu gituzo n'ingofero tubisanga no mu 1 Abatesaloniki 5:8, Inkota nk'intwaro nayo ivugwaho mu Abaheburayo 4:12.

E. Uburyo bwa 7: Ibuka kandi emera ihitamo ry'umwana w'umuntu

Ibuka ko Imana yahaye umwana w'umuntu guhitamo kandi uko guhitamo kujyana n'ingaruka zako (Yoh 3:18; Gal 6:7). Uburenganzira bwo guhitamo Imana yahaye umuntu bugaragara cyane mu kugeragezwa Adamu na Eva bahuye nako muri Edeni Itangiriro 2-3. Imana yo kuko izi byose yari ibizi ko bazarya kuri cya *"giti cy'ubwenge bumenyeshya ikibi n'icyiza"* nyamara ntabwo Imana yari nyirabayazana wo kurya imbuto yacyo. Adamu na Eva nibo bonyine bihitanyemo kurya kuri iriya mbuto. Niyo mpamvu babarwaho ingaruka kandi bavanywe muri Edeni.

Kuba umwana w'umuntu afite ububasha bwo guhitamo icyo ashatse bigaragara henshi no mu buryo bwinshi cyane cyane mu magambo "kwemera" no "kwizera" aya magambo afite inkomoko imwe mu rurimi rw'ikigereki. Kuko Imana izi byose, izi abazizera Umwana wayo Yesu Kristo bagakizwa (Rom 8:29; 1 Pet 1:1-2). Kuba izi byose nyamara ntabwo bivanaho itegeko ryo kwizera.

Bibiliya itwereka aho umwana w'umuntu yagiye ahitamo ibyiza n'ibibi. Ibi bigaragaza uko umutima w'umwana w'umuntu umeze. Ubu buryo rero budufasha kubona mu byanditswe aho umwana w'umuntu yagiye ahitamo nabi mu byanditswe. Ibyo umwana w'umuntu yakozwe byose bituruka mu ihitamo rishingiye ku bushake bwe Imana ikabyemera nyamara bitategetswe n'Imana. Iby'umuntu yakozwe byose biri muri Bibiliya ntabwo Imana iba isa niyabyirengagije nkaho ibyemera. Yesu yari azi ko Yuda azamugambanira kandi aranamuburira (Mat 26:24), nyamara Yuda yaramugambaniye kandi yirengera ingaruka.

Imana yahaye umuntu umudendezo wo guhitamo nyamara ntabwo umuntu afite ubushobozi bwo guhitamo igikwiriye iteka. Nuko rero ni ngombwa kwita kuri uyu mudendezo w'umuntu igihe twiga kandi tugasobanura lbyanditswe.

F. Uburyo bwa 8: Ibuka amasezerano

Ubu buryo bwita ku masezerano ari hagati y'Imana n'abantu. Hari amasezerano agira icyo asaba umuntu gukora kugirango yuzuzwe hakaba andi ashingiyeye gusa ku gukiranuka kw'Imana kubw'ijambo ryayo.

Amasezerano ni ingenzi kuko atwereka uko Imana igenda ibana n'ubwoko bwayo mu mateka. Iyo tuzi kandi tukita ku masezerano bituma tutayoba mu gusobanura ibyanditswe kandi naho bisa nkaho ibyanditswe bibusana biradusobanukira. Urugero tubona mu byanditswe (Lewi 26) ni uko Abisiraheli bagombaga guhanwa kandi bakanyura mubikomere nyamara ntabwo Imana yari kubata kuko bari bafite isezerano ryo kurindwa n'Imana.

Hari amasezerano icyenda dukwiriye kwiga no kumva neza, isezerano rimwe ku rindi. Reka turebe aho ari mu byanditswe, ayo ariyo, aho yanditse n'ayo ariyo mu ncamake.

1. Isezerano ryo muri Edeni

Isezerano ryo muri Edeni ryakozwe hagati y'Adamu n'Imana (Itang 1–2). Ryari isezerano risaba umuntu kwumvira, Imana nayo igaha umugisha umuntu ikamuha n'ubusitani bwiza bwo kubamo (2:8), bwuzuye imbuto zose, bunogeye kureba (2:9), burimo umwuka mwiza (1:6-7; 3:8), imibonano mpuza bitsina itagira amakemwa (2:21-25) no gusabana n'Umwami kwa buri muni (1:26-27; 3:8). Adamu yakiriye iri sezerano nyamara aza kuryica igihe yahitagamo kurya ku mbuto y'igiti cyabujijwe. Isezerano ryo muri Edeni ntabwo rikiriho ariko imigisha myinshi yaryo izongera ihabwe mwene muntu mu gihe k'ijuru rishya n'isi nshya (Ibyah 21–22). Niyo mpamvu tutagomba gusobanura iby'iri sezerano hirya ya Edeni. Umwana w'umuntu ntabwo aherwa imigisha usibye muri Kristo Yesu.

2. Isezerano ry'Adamu

Isezerano rya Adamu ryakozwe hagati ye n'Imana nyuma yo kugwa mbere y'uko yirukanywa muri Edeni (Itang 3:14-19). Iri sezerano ntacyo ryasabaga Adamu gukora. Iri sezerano rikomoka cyangwa ni ingaruka y'icyaha cyangwa kugwa k'umwana w'umuntu. Imana yavumye umushukanyi (3:14) kandi ishyira urwango hagati y'abazakomoka kuri Adamu n'inzoka (3:14-15). Umugore ahabwa umubabaro mugihe cyo kubyara kandi ahabwa gutwarwa n'umugabo (3:16). Isi iravumwa (3:17-19), kandi umuntu ahabwa umuvumo wo kujya yiyuha icyuya kugirango abone icyo asarura. Umuntu ahabwa umuvumo w'urupfu rw'umubiri (3:19 cf. 2:17) kandi bombi birukanwa muri ya ngobyi ya Edeni (3:17-19). Isezerano rya Adamu rironda mwene muntu mu bihe byose rizakurwaho gusa n'igihe Sekibi azarohwa mu nyanja y'umuriro nyuma y'imyaka igihumbi (Ibyah 20:7-10). Tugomba kumenya ko ingaruka zo kugwa kw'Adamu ziri ku mwana w'umuntu wese (Rom 5:12-14).

3. Isezerano rya Nowa

Isezerano rya Nowa ryakozwe hagati ye n'Imana mu Itangiriro 8:20–9:17, nyuma y'umwuzure. Ryari isezerano ritagira icyo ritegeka Nowa kandi ryarebaga kurimbuka kw'abantu ba nyuma y'umwuzure. Ryari isezerano ry'uko hatazongera kubaho na rimwe umwuzure urimbura inyoko muntu yose kandi ryari isezerano ryo kuroka k'umwana w'umuntu agakwira isi (9:1), guhabwa inyama z'ibikoko nk'ibyo kurya (9:2-4) kandi n'ishyirwaho ry'igihano cy'urupfu ku bicanyi (9:5,6). Umukororombya watanzeho nk'ikimenyetso cy'uko Imana izubahiriza isezerano ryayo. Isezerano rya Nowa ryatangiyeye nyuma y'umwuzure kandi rirakomeza. N'ubwo tubona hirya no hino haba imyuzure ikangiza byinshi ntabwo hazongera kubaho umwuzure urimbura isi yose. Kurya inyama n'ubwo kwemejwe n'Imana niyo mpamvu tutafata nk'ihame uguhitamo kwa Daniyeli I Babuloni, igihe yahitagamo kurya imboga (Dan 1). Iri sezerano ryashyizeho igihano cy'urupfu ku mwicanyi kandi uku ni ko gushaka kw'Imana na magingo n'ubu.

4. Isezerano rya Aburahamu

Isezerano ry'Aburahamu turisanga mu Itangiriro 12:1-3, ndetse hari ibindi bisobanuro dusanga mu byanditswe bikurikira aha. Iri sezerano ryahawe Aburahamu ariko rwujijwe n'uko Aburahamu akoze ibyo ryamusabaga n'uko rihabwa urubyaro rwe rwose nta kindi kiguzi. Isezerano ry'Aburahamu rivuga ku migisha y'urubyaro rwinshi, igihugu, umudugudu, ishyamba rikomeye, imigisha izahabwa abaha Aburahamu umugisha, kurindwa ndetse n'inkomoko ya Mesiya (Itang 17:1-8).

Indahiro Imana yarahiriyeye Aburahamu ishingiyeye ku isezerano yamuhaye. Inkomoko ya Mesiya iri muri iri sezerano yasohojwe no kuza kwa Yesu Kristo (Gal 3:16). Naho imigisha y'ibintu bifatika yagiye igaragara mu bihe binyuranye nyamara izuzuzwa mu gihe cy'imyaka igihumbi. Iri sezerano niry'ibihe byose kuva ryahabwa Aburahamu kugeza ku gutegeka kw'imyaka igihumbi.

Umuntu ashobora kumva neza ubusobanuro bw'icyanditswe agihuje n'isezerano ry'Aburahamu. Dore icyanditswe dusanga muri Matayo 11:20-24 kandi kivuga ngo:

Maze atangiriraho gucyaha imidugudu, iyo yakoreyemo ibitangaza byinshi, kuko batihanyye. Ati "Korazini, uzabona ishyano! Betsayida, uzabona ishyano! Kuko ibitangaza byakorewe muri mwe, iyaba byarakorewe muri Tiro n'i Sidoni baba barihanyye kera, bakambara ibigunira, bakisiga ivu. Ariko ndababwira yuko ku muni w'amateka, i Tiro n'i Sidoni hazahanwa igihano cyakwihanganirwa kuruta icyanyu. Nawe Kaperinawumu, ushyizwe hejuru ndetse ugeze ku ijuru. Ariko uzamanuka ikuzimu, kuko ibitangaza byakorewe muri wowe iyaba byarakorewe muri Sodomu, iba ikiriho na none. Ariko ndababwira yuko ku muni w'amateka, igihugu cy'i Sodomu kizahanwa igihano cyakwihanganirwa kuruta icyanyu."

Isiraheli yahawe igihe cyo kwihana kubw'ubuntu bushingiye ku masezerano y'Aburahamu. Kwinangira kwa Isiraheli kuyizanira ibihano bikaze ariko ntabwo ikurwaho.

5. Isezerano rya Mose

Iri sezerano ryakorewe Mose ku musozi wa Sinayi. Turisanga mu byanditswe mu Kuva 20 ndetse n'ahandi henshi mu gitabo cy'Abalewi, Kubara no Gutegeka kwa kabiri. Iri sezerano risaba kandi rifite icyo ritegeka, rishingiye ku kumvira. Abumvira amategeko bazahabwa umugisha kandi abatamvira bazahabwa umuvumo (Lewi 26). Iri sezerano ryari rigamije cyane cyane kwerekana ko abantu bakeneye Mesiya (Gal 3:24-25). Ryerekanaga icyo Imana iha agaciro kandi yita cyiza mu mategeko yayo. Iri sezerano kandi ryashyiragaho imihango n'imigenzereze ya gitambyi niy'Ubuturo bwera bw'Imana.

Yesu Kristo yaje kuzaza iri sezerano yubahiriza kandi agendera mu mategeko yose kandi neza (Mat 5:17). Iri sezerano ni iry'igihe cya Isiraheli kuva mu gihe cyo guhabwa amategeko (Kuva 20) kugera ku munsu wa Pentekote aho Itorero ritangirira. Rizanareba igihe cy'igeragezwa ryinshi, mu gihe cy'imyaka 7 igihe Itorero rizaba ryazamuwe. Ariko tugomba kumenya ko ibyanditswe byinshi mu Isezerano rya Kera byo bivuga kugihe gusa cy'amategeko ya Mose. Mu rugero inyamaswa nyinshi ziraziririzwa kandi ntizishobora kuribwa (Lewi 11). Ibi ntibitureba uyu munsu kuko Yesu Kristo yatubwiye ko ibyo kurya byose biba byejeje (Mar 7:14-18).

6. Isezerano rya Dawidi

Isezerano rya Dawidi turisanga muri 2 Samweli 7:8-19 no muri Zaburi ya 89. Iri ni isezerano ritagira icyo ritegeka Dawidi kuko Imana yamusezeranije ubwami we n'inzu ye ndetse ko mu rubyaro rwe hazakomoka Umwami ukomeye ariwe Yesu Kristo ubwe nkuko yaje kw'isi (Luka 1:32). Iri sezerano ni iry'iteka rwose. Hari igihe ubwami bwa Dawidi bwari mu maboko y'umwana w'imyaka umunani witwa Yosiya (2 Abami 22:1). Umuyuda wicyo gihe yizeragako ubwo bwami bushingiye ku isezerano ry'Imana. Umwami Yesu Kristo ubwe yahawe ubutware bwose mu isi no mw'ijuru ubwo yari amaze kuzuka (Mat 28:18) bigaragara ko kuzuzwa kw'iri sezerano. Uwizera aterwa imbaraga no kumenya ko Yesu yicaye ku ngoma ye mu ijuru (Heb 8:1) kandi ko igihe kizagera akagaruka kwima kuri iyi si (Mat 25:31).

7. Isezerano rya Palestina

Isezerano rya Palestina rikomoka ku isezerano rya Aburahamu. Iri sezerano riburira abayuda ko kubwo kutamvira kwabo bazatanyirizwa mu mahanga, ariko ko Imana izabibuka ikongera ikabegeranya nk'ishyamba nibihana (Guteg 30:1-10). Iri sezerano ni rya Isiraheli kandi rizuzura igihe Imana izongera ikabahuza mu buryo bw'igitangaza igihe Umwami Yesu azagarukira (Mat 24:31; Mar 13:27) kandi igihugu Imana yemereye Aburahamu kuva ku mugezi wa Egiputa kugera ku wa Efurate kizabababwira (Itang 15:18). Kuva iri sezerano rwatangwa tugomba kumenya ko gutatanyirizwa kwa Isiraheli ari iby'igihe gito.

8. Isezerano rishya rwakorewe Isiraheli

Hari isezerano rishya rwakorewe Isiraheli muri Yeremiya igice cya 31:31-34 kandi risubirwamo muri Abaheburayo 8:8-12. Iri sezerano rishingiye ku maraso ya Yesu Kristo (Heb 9:11-14) kandi ntacyo risaba kugirango abayuda bongere bahindurwe (aha ni abayuda bavutse ubwa kabiri). Iri sezerano ririmo isezerano ry'Umwuka Wera kandi n'umutungo w'ibintu bifatika byinshi (Yer 32:41, Yes 61:8), iri sezerano rizuzura mu gihe cy'imyaka igihumbi. Ni ngombwa kwibuka ko iri sezerano rireba abanyisiraheli bazizera Yesu Kristo gusa ntabwo rwahawe ubwoko bwa Isiraheli.

9. Isezerano ry'Itorero

Isezerano na none rwahawe Itorero mu Isezerano Rishya (Mat 26:26-28). Iri sezerano ntacyo risaba abizera Yesu Kristo gukora ahubwo rishingiye k'umusaraba (Heb 9:11-14) no kwibuka Umwami mu gihe cy'ifunguro ryera (1 Kor 11:25). Rishyiraho urwego rwa cyami n'ubutambyi (Heb 9:11) kandi rizasohora mu gihe cyaryo n'iteka ryose. Yesu Kristo niwe muhuza muri iri sezerano (Heb 9:15). Iri sezerano ritangirira mu gihe cya Pentekote igihe Itorero ryatangirira (Ibyakozwe n'intumwa 2) kandi rizarahaho. Uwiga Bibiliya agomba kumenya ko imigisha y'iri sezerano izahoraho kandi idashobora kuvaho na rimwe. Igihe rero cyose Itorero ririhohotse, abizera bagomba kumenya ko iby'ubwami byose, uko byagenda kose, Umwami Yesu atazabatana na rimwe (Mat 28:18-20).

Ihame rya Gatatu

Shaka kugira gushishoza ugereranya Ibyanditswe kubyanditswe

Ihame rya gatatu niridusaba gushaka ubwenge buturuka mu kumenya no kugendera mu Ijambo ry'Imana. Tugomba kumenya kanditukemera ko nta rujijo ruri mu Ijambo ry'Imana (1 Kor 14:33), kuko kutumva Ibyanditswe bituruka kuri twebwe. Muri Bibiliya, Imana yakoresheje, imvugo, imigani, n'amarenga kugira ngo itwigishe tumenye ubwenge (Imig 1:2-6).

Ibitumvikana mu Byanditswe bituruka kenshi mu kunanirwa kugereranya ibyanditswe n'ibindi byanditswe. Akenshi usobanura Bibiliya anyura hejuru y'ibyanditswe cyangwa akananirwa no kubona aho icyanditswe gihurira n'ikindi. Ni byiza kubashaka kumenya Imana kwita ku mitima yabo bakareba niba harimo gucabungufi. Iyo umuntu atitaye ku cyanditswe iki n'iki, bimutera kutumva neza ibyanditswe muri rusange.

Hari uburyo butandatu bukoreshwa mugushyira iri hame mu ngiro. Tugomba kureba uburyo butandukanye Imana ivuga mu Ijambo ryayo. Tureba ubu buryo twita kucyo ijambo rwavugiye, impamvu cyangwa igihe ryavugiwemo. Kugereranya ibyanditswe bidufasha kubihuza twita kumirongo ijambo rivugaho kandi twitondera ijambo ry'ubuhanuzi.

A. Uburyo bwa 9: Reba aho ibyanditswe binyuranya

Ubu buryo budusaba kwitondera aho tubona ibyanditswe binyuranya maze tugashishoza tureba niba atari uburyo binyuranye Imana yaba yaraduhayemo Ijambo. Mu yandi magambo tugomba kwitondera ibyo tubona tukareba niba atari itandukaniro Bibiliya yerekana mu rugero kwizera n'imirimo, agakiza n'icyaha, amategako n'ubuntu n'ibindi byinshi. Icyo tuba dusabwa ni kwerekana natwe iri tandukaniro mu busobanuro dutanga.

Urugero rutwereka ikigereranyo gisa n' ikinyuranyo ni nko muri iki cyanditswe kitwereka ukwizera n'imirimo (Ef 2:8-10):

Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira, kuko turi abo yaremye ituremye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.

Aha bigaragara neza ko agakiza ari ubuntu mu kwizera ko atari imirimo. Nyamara agaciro k'imirimo ntabwo gasuzuguwe. Ntabwo imirimo ariyo idukiza ariko ni ngombwa mu buzima bwa gikristo.

Kwizera nta mbaraga ubwako twabonamo, ahubwo imbaraga zo kwizera ziri mu cyo twizera. Kuko kwizera ukwizera kwawe ntaho bitaniye no kwiyiringira. Tuzi neza ko twese twacumuye bityo rero kwiyiringira ntabwo aribyo guhitamo (Rom 3:23). Umuntu agiye gusimbuka umwobo muremure agakoresha akagozi gato aziritse ku ishami rito ry'igiti, byaba bigoye kumwizera kabone niyo yaba nde. Nyamara akoresheje umugozi munini kandi uziritse neza ku ishami rikomeye rw'igiti byakoroha ku mwizera kuko kwizera gutura mucyo twizera, muri uyu muguzi ukomeye ni uwo kwizera. Imirimo irangwa n'ibikorwa byiza nko gufasha abakene (Gal 2:10) ariko n'ibikorwa byiza ntibizadukiza (Tito 3:5). Imirimo ahubwo ni imbuto zo kwizera kwacu mu Mwami Yesu Kristo, kandi tuzayihemberwa murugero rukwiriye ibyo twakoze (2 Kor 5:10). Imirimo yakagombye guturuka mu mashimwe y'icyo Umwami yakoze muri twe. Ntabwo imirimo yakakozwe hari indi nyungu dutegereje.

Urundi rugero rw'ubudasa cyangwa kudahura kw'ibyanditswe niku byerekeye kumenya udashidikanya ko ukijijwe no kwibonamo cyangwa kwisanga mu buzima bw'icyaha. Twabwiye ko Umwami Yesu Kristo yakoze ibikomeme igihe yadupfiraga ngo adukize kandi yadukoreye ibyo tukiri abanzi be. Ese ubu twabayeho abana b'Imana, hari ikindi twategereza kindi usibye kutugenzereza atyo (Rom 5:6-10)?

Bibiliya itwereka neza ko abizeye bakora kandi bashobora gukora icyaha na nyuma yo kwakira agakiza.

Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe. Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizera kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose. Nituvuga yuko ari nta cyaha twakoze tuba tuyise umunyabinyoma, kandi n'ijambo ryayo ntiriba riri muri twe (1 Yoh 1:8-10).

Aha birasobanutse neza ko ibi byanditswe bireba kandi bivuga abamwemeye bakizera. Ntabwo ari ngombwa gusoma ibyanditswe byinshi ngo tubone ko abizeye nabo bakora icyaha. Twankibaza niba abizeye dutakaza agakiza igihe cyose twisanze mu cyaha?

Mu gitabo cy'Abaroma no mubitabo bindi byo muri Bibiliya, agakiza kagaragazwa nk'igikorwa gihoraho. Pawulo agira ati: *"Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho, kuko itegeko ry'Umwuka w'ubugingo bwo muri Kristo Yesu ryambātuye ububata bw'itegeko ry'ibyaha n'urupfu"* (Rom 8:1-2). Itorero ry'Ikorinto ryisanzwe mu byaha byinshi kandi bibi. Pawulo abita "abanyamubiri" (1 Kor 3:1-2) nyamara ntiyigeze abita "abatarakijijwe." Ahubwo abita Itorero ry"abera" (1 Kor 1:2).

Biragaragara ko abakristo bakwisanga mu buzima bw'icyaha. Ariko na none biragaragara ko tudatakaza agakiza twahawe: *"kandi nubwo tutizera we ahora ari uwo kwizerwa, kuko atabasha kwivuguruza"* (2 Tim 2:13). Ubuzima bw'icyaha umukristo yisangamo bumugiraho ingaruka. Butujyana mugutakaza ingororano: *"naho nitumwihakana na we azatwihakana"* (2 Tim 2:12). Igisobanuro kitaziguye aha ni uko, iyo tumwihakanye, tutazabana nawe mu bwami bwe.

Duhereye kuri ibi tubonye twasobanukirwa ibyo Imana yavuze mu Ijambo ryayo bisa nkaho bihabanye. Byadutwara igihe kirekire cyane gushaka kubireba byose no kureba icyo biba bishaka kuvuga n'aho bihurira.

B. Uburyo bwa 10: Wite ku ntego nyamukuru y'ikivugwa

Ubu buryo bwo kwitaho iyo umuntu yiga Bibiliya butubwira ko buri jambo ryo muri Bibiliya riba rifite ikiribanjirije ndetse nikirikurikira (usibye wenda ijambo rya mbere na mbere). Ubu buryo budusaba kwita cyane aho ijambo rivuga cyangwa ryavugiye kandi n'isano buri ijambo rifitanye n'andi. Hari igihe kenshi Imana isobanura ijambo irindi riryegereye maze byose bikagira ibitekerezo bitanga ndetse hari ni igihe ijambo risobanurwa n'irindi mu kindi gice cyo muri Bibiliya.

Ntabwo dukwiye kuvana umurongo mu gitekerezo cyawo cyangwa muyandi bihuje igitekerezo ngo turihe ubwaryo busobanuro. Gukoresha ijambo rikuwe mu gitekerezo nyamukuru ryisangamo biba ari kwishuka no kubeshya kuko riba rikoreshejwe mu rwego rwo gushira hejuru ibitekerezo n'imyumvire y'urikoresheje. Ibi bisa no guca imigani kandi ntabwo ari byiza na gato.

Gushyira ijambo mu mwanya waryo bivuga cyane cyane ko abasomyi bagomba kumenya n'inde uvuga, ababwirwa ni bande, igitekerezo nyamukuru kivugwaho hano ni ikihe kandi ni mukihe gihe gikwiriye kandi inyigisho yo muri iri ijambo ihura nacyo.

Hari uburyo butatu twamenya aho turebera buri muringo w' icyanditswe cyose:

1. Igitekerezo cya hafi kivugwaho

Igitekerezo cyahafi kiba mu mirongo iri hafi y'icyanditswe mu gika kimwe. Urugero mu Abagalatiya 5:1 havuga: *"Ubwo Kristo yatubaturiyeye kuba ab'umudendeze, nuko muhagarare mushikamye, mutacyongera kubohwa n'ububata."* Dushobora gushaka gukoresha ijambo "ububata" turihuza n'umuco runaka, ibihe runaka cyangwa ahantu runaka cyane cyane ko ijambo ububata rivuga kuba uri muni y'ubutware bw'umuntu, leta cyangwa undi muntu agutunze nk'igikoresheho. Nyamara iri jambo turishize mu mwanya waryo hano, rivuga ububata mu mwuka. Aha rivuga ku bantu babaswe n'imigenzo y'amategeko (nko gukebwa) bikababuzwa "gufashanya mu rukundo" (Gal 5:13)

2. Igitekerezo gisa n'iki ahandi hafi

Igitekerezo cya hafi kivuga imirongo cyangwa ibyanditswe dusanga mu gitabo kimwe n'ijambo runaka twigaho. Urugero aha turusanga muri Matayo 24:40 ritubwira riti: *"Icyo gihe abagabo babiri bazaba bari mu murima, umwe azajyanwa undi asigare."* Igitekerezo hano ni "ibihe by'imperuka." Hano haribazwa ninde uzazamurwa, ni inde uzasigara? Ese umukiranutsi azazamurwa ukiranirwa asigare mu gihe cyo gutwarwa kw'Itorero; cyangwa ukiranirwa azazamuka maze umukiranutsi asigare Umwami wacu naza kwima imyaka igihumbi? Igitekerezo cyangwa ubusobanuro twarebera bugufi yiri ijambo ntabwo budusubiza ibi. Ariko Matayo 13:49 haduha igisubizo kuko naho havuga ku "minsi y'imperuka" kandi ho hatubwira ko abamarayika bazamanuka *"batoranye abanyabyaha mu bakiranutsi"* aha igitekerezo cya hafi kidusobanurira ni nde uzazamurwa n'uzasigara igihe Umwami azagarukira.

Gukoresha igitekerezo cya bugufi kitubwira kwiga umurongo k'umurongo mu gitabo kandi umuntu yita ku gitekerezo nyamukuru k'igitabo. Uwiga Bibiliya asimukiye kuri Matayo 24 byamugora kumenya igisubizo kiri mu mirongo ibaza.

3. Igitekerezo gisa n'iki kiri kure

Igitekerezo cya kure gituruka mu kwemera ko Ijambo ry'Imana ari rimwe. Aha uwiga Bibiliya agomba kumenya ahandi hantu muri Bibiliya hafite igitekerezo cyangwa ubusobanuro busa n'icyanditswe kigwa. Uwiga rero amenya ko icyanditswe yiga gishobora kugira aho gihuza ibyanditswe ahandi muri Bibiliya. Iyo umuntu yiga ku mutwe w'ijambo nk'ubuntu, kwizera cyangwa urukundo ahuza ibyanditswe, bimusaba

gushaka muri Bibiliya hose aho yabona ubusobanuro. Igitabo gihuza ibyanditswe kidufasha gushaka ku ijamba runaka kuko kiduha aho iryo ijamba twarisanga hose muri Bibiliya.

Akenshi igitekerezo cya kure ni ngombwa gukoresha iyo ugiye gukoresha uburyo bukurikiyeho bwo kwiga Bibiliya nk'uburyo bwo gusobanura ubuhanuzi n'uburyo bwo kumva ibishushanyo. Urugero ni nk'umwenda watwikiraga ubuturo bw'Imana" (Kuva 26:31-35) watandukanyaga ahera n'ahera heracyane. Uyu mwenda dusanga ubusobanuro bwawo mu gitabo cy'Abaheburayo 10:20 aho dusanga uvuga umubiri w'Umwami Yesu Kristo.

Gushaka ubusobanuro gukoresha igitekerezo nyamukuru cy'Ijamba ni ngombwa kuko tuba "dukwiriranya neza ijamba ry'ukuri" (2 Tim 2:15). Iyo rero dushyiraho amahame tukayemeza tugomba kuyahuza n'Ijamba mu kuri kwaryo kwose yaba mu bitekerezo bya hafi ndetse na kure. Iyo imyizerere yacu ihabanye n'Ijamba n'amahame dushyiraho nayo aba abogamyeye.

C. Uburyo bwa 11: Gereranya ubusobanuro ugezeho mu Byanditswe

Ubu buryo bwo kwiga Ijamba butwereka impamvu yo kwiga ibyanditswe umuntu agenda abigereranya kuko bushingiye mu kuguma mu murongo w'ukuri kw'Ijamba. Budusaba rero gukomeza kugereranya ibyanditswe tugenda tureba aho bihurira kugeza tugeze ku gisobanuro nyacyo. Ni ngombwa kugereranya ibitekerezo bisa kimwe ku ikindi, urugero nk'ubuntu n'imbabazi, nanone kugereranya ibitekerezo bisa nkaho ntaho bihuriye nk'Imana na Satani. Iyo tugereranya ibitekerezo dushaka aho bisa n'aho bibusanye mu byanditswe bitandukanye, tubikuramo igishushanyo kimwe cyangwa se byinshi; tewolojiya naho ikomoka ishyira hamwe ibyo bishushanyo.

Yaba ari umutangizi (1 Tim 3:6) cyangwa se ubirambyemo, usobanura Bibiliya agomba kwitondera tewolojiya akura muri ibi (Imig 3:5-6), kuko bishoboka cyane kwibagirwa akantu k'ingenzi cyane cyane ko imirongo ya Bibiliya ari myinshi irenze 31,000. Ubunini bwa Bibiliya twiga rero bwagombye gutuma tugira amakenga tukamenya ko kwibeshya gushoboka maze tugaca bugufi.

Iyo tugereranya ibyanditswe dusanga byinshi muri tewolojiya biba biri mu byanditswe henshi muri Bibiliya. Urugero rumwe ni "gutsindishirizwa kubwo kwizera" (Itang 15:6; Rom 3-4). Iyo tugeze ku cyanditswe kivuga "gutsindishirizwa kubw'imirimo" nko muri Yakobo 2:14-26 tugomba guhuza kandi tukumvira hamwe ibi byanditswe. Iyo twegeranyije ibi byanditswe twumva "imirimo" ivugwa aha ko ari imbuto ukwizera kwacu mu kuzuza umugambi w'Imana, kandi ko iduherekeza mu gakiza ariko atariyo soko y'agakiza kacu. Ibi tubisanga na none Abefeso 2:8-10. "Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera" kandi "turi abo yaremye ituremye imirimo myiza." Ubu buryo bwo kwiga Bibiliya butwibutsa ko atari byiza kubakira inyigisho cyangwa ihame ku cyanditswe gitera kwibaza ibindi bintu. Nk'urugero ibyanditswe biri muri Mariko 16:9 mu rurimi ry'Ikigereki kugera aho iki gitabo kirangirira ntabwo byumvikana neza. Abantu benshi bahereye kuri ibi byanditswe maze inyigisho zabo zirayoba.

Urundi rugero ry'ikiza cyo kugereranya cyangwa guhuza ibyanditswe ni kubyerekeye kumva ibyahishwe by'Imana (ibintu bihishe bitazwi) dusanga mu lsezerano rishya. Igihe dusoma igice cya 3 cy'Abefeso tugera aho Pawulo avuga "ibihishwe" kandi twahita twibaza ibihishwe ni iki, ni ibihe? Nyamara ibyo tubisanga mu Abakolosayi 1:25-27 hagira hati:

iryo nahindukiye umubwiriza nkurikije ubusonga Imana yampaye ku bwanyu, kugira ngo mbwirize abantu ijamba ry'Imana ryose, ari ryo bwa bwiru bwahishwe uhereye kera kose n'ibihe byose, ariko none bukaba bwarahishuriwe abera bayo, abo Imana yishimiye kumenyeshya ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza.

Ibyahishwe n'ubusabane bushya hamwe na Mesiya. Ubu busabane ni ubw'igihe gishya, Igihe cy'Itorero.

D. Uburyo bwa 12: Shaka aho Ibyanditswe byuzuzanya

Ubu buryo budusaba kwiga ijamba wemera ko Imana ari inyakuri kandi ariyokwizerwa. Ko idatera kuvangirwa (1 Kor 14:33). Bivuga mu yandi magambo ko mu byukuri nta kuvuguruzanya kuba mu byanditswe. Ibyanditswe biruzuzanya kandi byahumutswe n'Imana kandi ibirimo byose bifite ireme rimwe. Kuvuguruzanya tubwirwa kw'Ijamba guturuka rero mu busobanuro butanoze kw'abana b'abantu ntabwo guturuka ku Mana. Akenshi abantu bahera ku marangamutima yabo mu kumva Ijamba ariko Ibyanditswe bituburira kutagenza dutyo (Yoh 5:37; Imig 3:5-6; 2 Kor 5:7). Ntabwo tuzigera dusobanukirwa ibintu byose neza muri Bibiliya mu buryo busobanutse neza cyangwa byuzuye, kugeza igihe tuzahura n'Umwami amaso kuy'andi (1 Kor 13:12). Niyo mpamvu tugomba iteka kugendera mu Mwuka (Heb 11:6; Kol 2:6), twiringira Imana ko izatuyobora ikatugeza iwacu mu ijuru.

Iyo tugeze aho ibyanditswe bibiri byasaga nk'aho bivuguruzanya tubona uko byuzuzanya tuba dutangiye kugira ubwenge. Tubwirwa mu ntangiriro y'igitabo cy'imigani ko iyo dutangiye kumva amagambo akomeye tuba dutangiye kugira ubwenge (Imig 1:2-6). Ibi bidusaba kwiga Bibiliya neza twitonze. Kuko twabivuzeho, tuba tugomba kwigira hamwe Yakobo 2 na Abaroma 3-4 kugirango dushobore kumva aho imirimo no kwizera bihurira.

Iyo twigira hamwe ibyanditswe ni ngombwa kwita ku bintu byose nk'igihe n'ahantu by'ibyo byanditswe cyane cyane ko hashobora kuba harabaye kwibagirwa cyangwa guhindurwa nabi kw'icyanditswe kiva mu rurimi uru n'uru gishyirwa mu urundi. Ibyo ari byo byose tugomba guhora twibuka ko nta kuvuguruzanya kuba mu Ijambo ry'Imana.

Na none tugomba kumenya ko Ijambo ry'Imana rivuga ikintu mu buryo bwinshi kugirango ik'ingenzi gishobore kumvikana neza. Urugero turubona mu byanditswe dusanga mu b'Abaroma 3:23 "kuko bose bakoze ichaha..." na none tukabona mu gitabo cy'Abalewi hatubwira ko bose bagomba kuzana igitambo cy'icyaha. Ibi byanditswe byombi urebye bivuga kimwe.

Ikindi kintu kigaragara mu kwiga Bibiliya ni uko Imana yonyine isa nkaho ariyo yashyizeho imiterere yimyandikire y'Ijambo ryayo.

E. Uburyo bwa 13: Wite ku myumvire y'ibihe

Imana yagiye iha umwana w'umuntu inshingano zinyuranye mu bihe bitandukanye nibyo twise Ibihe aha (dispensations mu rurimi ry'icyongereza). Ni ibice by'amateka bigiye bigizwe n'izi nshingano. Tubwirwa mu Abaheburayo 7:12 "Nuko rero ubwo ubutambyi bwahindutse ni cyo gituma n'amategeko na yo akwiriye guhinduka" aha Imana itwigisha ko ishira inshingano zitandukanye mu bihe bitandukanye by'amateka.

Ibihe bine bigaragara kuva Adamu aguye:

1. Igihe cy'abanyamahanga kuva ku kugwa kw'Adamu kugera ku iyimukamisiri

Iki ni igihe cy'itangiriro n'igihe cya Yobu. Kibarirwa hagati y'imyaka 3900 B.C. kugera mu mwaka wa 1445 B.C.

2. Igihe cya Isiraheli kuva mu iyimukamisiri kugera ku muni wa Pentekote

Iki gihe tugisanga mu bitabo by'isezerano rya kera byose usibye itangiriro n'igitabo cya Yobu. Iki gihe gifata kandi kikagera mu butumwa bwiza mu bitabo 4 by'Inkuru Nziza ndetse n'Ibyakoze n'Intumwa igice cya mbere. Hari ibyanditswe mu Isezerano rya kera bivuga ku gihe cy' ubwami bw'imyaka igihumbi. Ingero ebyiri tubona ni muri Yesaya 61-66 no muri Ezekiyeli 40-48. Iki gihe tukibona hagati y'umwaka wa 1445 B.C. kugeza muri A.D. 33. Iki gihe kirimo na none igihe kizaba hagati yo kuzamurwa kw'Itorero no kugaruka kwa kabiri k'Umwami Yesu Kristo, igihe kizwi nki "igihe cy'itotezwa ryinshi" cyangwa "Ibyumweru 70 bya Daniyeli" (Dan 9:24-27).

3. Igihe cy'Itorero kuva ku muni wa Pentekote kugera ku kuzamurwa kw'Itorero

(Igihe cy'itotezwa ryinshi kizaba hagati yo kuzamurwa kw'Itorero no kugaruka kwa kabiri kwa Kristo Yesu ni cyo gihe cy'imyaka irindwi yanyuma ya Isiraheli.)

Igihe cy'Itorero kiri mu Byakozwe n'intumwa mu bice 2-28, no mu nyandiko zandikiwe amatorero n'Ibyahishuwe 2-3. Naho igihe cy'itotezwa kirangiza igihe cya Isiraheli tugisanga mu Byahishuwe 4-19. Iki gihe gitangira mu mwaka wa 33 A.D. kandi kizuzuzwa gusa kugera igihe Itorero rizazamurirwa.

4. Igihe cy'imyaka igihumbi Kuva ku kugaruka kwa kabiri kugeza ku ntebe yera y'urubanza.

Iki gihe kiri mu Byahishuwe ibice bya 20 n'indi mirongo mw'Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya.

Ibihe byumvikana neza iyo turebye inshingano za gitambyi Imana yahaye mwene muntu.

Urugero mbere y'uko Isiraheli iba igihugu nyuma y'iyimukamisiri, mwene muntu yari akiri mu gihe cy'ubunyamahanga. Imirimo y'ubutambyi yakorwaga n'abakuru b'imiryango ikitwa "Ubutambyi bw'umuryango." Tubona bukorwa na Nowa (Itang 8:20), Aburahamu (Itang 22:2) na Yobu (Yobu 1:5). Itegeko hano kwari ugukurikiza "ibyanditswe mu mutima yabo" (Rom 2:15) Imana yahaga abantu.

Nyuma gato yo Kuva kw'Abayuda mu Giputa, hatangira ikindi gihe aho Imana yitoranyirije umuryango w'abalewi kugirango bashingwe umurimo wa gitambyi hatangira ubundi butambyi bwitwa "Ubutambyi bw'Abalewi." Ubu butambyi bw'abalewi umwana na se kuva ku mutambyi Aroni wo mu muryango w'Abalewi. Umuryango w'Abalewi wakoraga umurimo wabo wa gitambyi mu Buturo bwera nyuma bawukorera mu Rusengeru. Abatambyi babaga ari Abalewi bageze mu gihe gikwiriye, batambaga

amatungo ho ibitambo, bakayobora kuramya Imana ndetse no kugeza ku bwoko bw'Imana Ijambo ryayo. Ibi babikoraga bubahiriza imihango n'uburyo ndetse n'amategeko Mose yari yarahawe n'Imana. Amategeko ya gitambyi agaragara mu gitabo cyo Kuva, cy'Abalewi, Kubara n'igitabo cyo Gutegeka kwa kabiri. Biratangaje kandi birababaje kubona mu gihe k'ivuka rya Yesu Kristo ukuntu imigenzo n'amategeko ya gitambyi yari yarahinduwe kandi imigenzo yari isigaye ariyo yitabwaho kurusha gushaka Imana (Heb 10:8).

Nyuma y'Umusaraba n'izuka rya Yesu Kristo, ku muni ya Pentekote, Imana yatangiye ikindi Gihe gishya. Iki gihe cyitwa "Igihe cy'Itorero" Muri iki gihe gishya, abemeye Umwami Yesu Kristo bose bahawe kuba abatambyi b'Imana (1 Pet 2:5,9). Aba "bizeye bashya kandi batambyi " ntabwo basabwa gutamba amatungo ahubwo *"basabwa gutanga imibiri yabo, nk' ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwabo gukwiriye"* (Rom 12:1). Muri iki gihe uko ubutambyi bwari bumeze bwarahindutse. Nyamara imirimo yo mu mwuka ya gitambyi yo ntabwo yigeze ihinduka. Bose batambira Imana bahimbaza kandi basangira n'abandi Ijambo ry'Imana. Ibihe bigiye birangwa n'uburyo Imana yategetse bwo kubahiriza inzira n'amategeko yayo. Igihe cy'Itorero ni igihe cyo gukurikira "itegeko ry'umudendezo" (Yak 1:25; 2:12) mu "rukundo" (Rom 13:8-10; Gal 5:14; Yak 2:8).

Igihe cy'imyaka igihumbi kizagira ubutambyi bushya buzayoborya nabo mu rubyaro rwa Sadoki bo mu muryango w'Abalewi (Ezek 40:46; 43:19; 44:15; 48:11). Amategeko azaba ashingiye ku "isezerano rishya rya Isiraheli" (Yer 31:31-33; Heb 8:8-10) kandi azakomezwa n'Umwami Yesu Kristo ubwe nk' *"uzaragiza amahanga inkoni y'icyuma. Umwana we arasahurwa ayanwa ku Mana no ku ntebe yayo"* (Ibyah 12:5).

Gusobanura ibihe rero byita ku mihindukire y'uburyo bwa gitambyi ariko ikamenya ko ikigenderewe ari icyo mu mwuka kurusha imihango igaragara. Urugero nuko muri iki gihe cyacu ntabwo ari ngombwa gutamba amatungo twibuka igitambo kimwe gikomeye cy'Umwami wacu yesu Kristo (Abaheb 10:10). Ahubwo Itorero ryegera ameza mw'igaburo ryera ryibuka kandi ryizihiza igitambo nk'igitambo cyo guhimbaza Umwami (1 Kor 11:23-34). Mu gihe cy'imyaka igihumbi ibitambo by'amatungo bizongera bigaruke mu kwibuka no kwizihiza umurimo warangijwe na Kristo ku musaraba (Ezek 43:18-27).

Ibihe by'amateka bituruka mu kwiga Ibyanditswe nyamara ntabwo ari inzaduka. Abantu benshi ntabwo babona kimwe igihe ibihe bitangirira n'igihe igihe giha ikindi. Ibi nyamara ntabwo bikuraho cyangwa ngo bivuguruzwe ko Imana iha abantu inshingano zitandukanye ku bihe bitandukanye mu mateka.

Muri iki gihe hari umwuka wo gushaka gucama ibihe ibindi bihe byinshi, bashaka kugabanya ibihe nyamukuru mo ibindi bihe. Uyu mwuka nta byanditswe ushingiyeho. Kuwukoresha byatera kuyoba no kuvuga ibyo umuntu yishakiye. Na none kandi kugira ibi bihe ndakuka byatera kugwa mu buryo bw'amategeko bitagira icyo bifasha ubuzima bwa gikristo. Urugero kwibwira ko inyigisho yo kumusozizi ntaho ihuriye n'abi iki gihe kuko Yesu yayivuze avuga ku gihe cy'Abisiraheli kwaba ari kwibeshya ryose kuko Pawulo atubwira ko inyigisho nyakuri ari iz'Umwami Yesu kristo (1 Tim 6:3).

Dukwiriye kwita cyane ku nyigisho nicyo Imana ishaka iyo twiga ibihe. Uburyo n'imihango ya gitambyi igenda ihinduka nyamara iryo ireme shingiro ry'ubutambyi ntabwo rihinduka. Abatambyi bi bihe byose basabwa kuzana igitambo imbere y'Imana no kwigisha Ijambo ry'Imana.

F. Uburyo bwa 14: Witondere ubuhanuzi

Ubu buryo bwo kwiga Bibiliya butwibutsa ko Bibiliya itubwira ibihe bizaza. Kandi Ibyanditswe bisobanura neza ko ubuhanuzi nyakuri butangwa n'abantu bayobowe n'Umwuka w'Imana kandi ko *"nta buhanuzi bwo mu byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye"* (2 Pet 1:19-21). Kenshi kandi abantu benshi bagerageje gusobanura ubuhanuzi ariko ikibabaje, bayobya imbaga y'abantu. Birazwi neza koudutsiko twinshi dukoresha uburyo twishakiye mu gusobanura ubuhanuzi kugirango twironkere abayobokeye. Twibuke ko twese nk'abizeye Yesu kristo turi abatambyi. Tugomba kwirinda rero abandibantubasobanura Ibyanditswe ukundi, bagambiriye kutugira abayobokeye babo cyangwa ab'itsinda ryabo.

Usohanura ubuhanuzi asa nuwerekana ishusho nini y'Ibyanditswe mu gihe kirekire cy'imyaka ibihumbi (dusanga mu byanditswe imirongo igera ku 10,000 y'ubuhanuzi). Kandi muri icyo shusho tugomba kubonamo Yesu kristo, we nkingi y'ibihe bya kera, by'ubu ndetse n'ibizaza. Iyi shusho igomba kuba ifite ibimenyetso gihamya byose, kandi yitaye kuri buri gihamya. Nta ruhushya twagira na rumwe ryo kwiyongeraho ikintu icyo aricyo cyose.

Kwiga gusobanura ubuhanuzi byaba isomo ubwaryo ryonyine kuko ¼ cy'ibyanditswe tugisanga mu bitabo by'ubuhanuzi. Ariko kubw'izi mfashanyigisho hari inzira eshatu tugiye kurebera hamwe.

1. Kureba niba Umuhanuzi atanga ubusobanuro

Icyo mbere, tugomba kureba niba umuhanuzi adasobanura ubuhanuzi bwe nkuko Yesu abigenza muri Yohana 2:19-21 igihe yahanuraga ibyerekeye ku Rusengeru. Uyu murongo uragira uti:

*Yesu arabasubiza ati “Nimusenye uru rusengeru, nanjye nzarwubaka mu minsi itatu.”
Nuko Abayuda bati “Uru rusengeru ko rwubatswe mu myaka mirongo ine n'itandatu,
nawe ngo uzarwubaka mu minsi itatu?” Ariko urusengeru yavugaga ni umubiri we.*

Ubuhanuzi bumwe na bumwe nk'ubu buroroha kubusobanura. Nanone Imana ishobora kurenga ibihe n'ibihe itagize icyo ivuze ku buhanuzi. Ikarenga ibihe n'ibihe ku buhanuzi ubu n'ubu maze igatanga ubusobanuro, urugero ni umurongo dusoma muri Luka 4:18-21 tuwugereranyije na Yesaya 61:1-2 aho Yesu asubiramo ubu buhanuzi kandi akaduha ubusobanuro.

2. Kureba niba ubuhanuzi butarashohojwe

Tugomba kureba niba ibindi byanditswe bitatubwira ukuzuzwa k'ubuhanuzi turi kwigaho. Ibi bidufasha kumenya ubuhanuzi butarasohora kandi tugitegereje.

Urugero hano ni nk'ubuhanuzi bw'Umwuzure bwari bwaravuzwe mu gihe cy'imyaka 120 mbere yuko busohora (Itang 6:3) Ibyanditswe bitwereka ko kwasohoye (Itang 7-8).

Ibyanditswe bitubwira kandi ko Imana izongera igahuza ubwoko bwa isiraheli mu buryo bw'igitangaza (Zek 9:14; Mat 24:31). Ubu buhanuzi ntabwo buruzuzwa. Ibi ntubibona gusa mu byanditswe ahubwo no mu mateka. Tugomba kureba no kubimenyetso byo hanze, nko gusoma ibindi bitabo bivuga ku mateka bitari Bibiliya, kkugirango turebe niba ubuhanuzi bwarasohoye. Ariko mwibukeko aya mateka Atari ayo muri Bibiliya atari ibyahumetswe n'Imana, kandi kenshi atemeranya n'Ijambo ry'Imana, uwiga Bibiliya agomba igihe cyose kwemera ko Ijambo ry'Imana ridakemangwa.

3. Menya imvugo y'ubuhanuzi

Mu buhanuzi tugomba kwitondera imvugo ya gihanuzi (nkaho Umwami asanishwa n'intare yo mu muryango wa Yuda cyangwa Umwana w'intama y'Imana mu Byahishuwe 5), amashusho (Inyamaswa mu Byahishuwe 13) n'icyitegererezo (nk'Ubuturo bw'Imana kw'Isi tubona mu Kuva 25-40). Aha tubona neza ko tugomba kubanza kumva imvugo ya gihanuzi muri Bibiliya.

Tugomba kwibuka ko gushakisha cyangwa gukekeranya atari ubusobanuro bukwiye. Gushakisha bituruka mu kushaka gufindura imivugire ya gihanuzi. Akenshi byorohera umwana w'umuntu guhindura ibyo yibwiye atyo akabigira ihame n'ukuri ngenderwaho. Tugomba nyamara kwemera koubuhanuzi bumwe bufite imvugo yabwo ko kandi buzasobanuka mu gihe cyabwo gikwiriye (Dan 12:4, 8-10).

Ihame rya Kane

Shaka kubaho ubuzima bwa gikristo bushingiye kandi buyobowen' Ijambo ry'Imana

Iri hame rituruka mu byo Yesu Kristo yavuze dusanga muri Yohana 7:17. Niba koko dushaka kumenya Ijambo ry'Imana tugomba kubanza kuba dushaka gukora ibyo Ijambo rye ridusaba. Aha dusabwa kutibeshya cyangwa ngo twishushanye igihe twiga Ijambo. Tugomba gushyira kure ibyo twibwiraga cyangwa twari tuzi maze tugashaka ukuyoborwa nyakuri n'Umwuka w'Imana (1 Kor 2:14). Kugendera muri iri hame bisaba kwisuzuma no kwirondora maze umuntu akareba ikimusunikira cyangwa icyifuzo kimuyobora (2 Kor 13:5). Biratworohera kenshi ko twagira imirebere yacu ndetse n'ibitekerezo runaka maze tukajya mu byanditswe dushaka kubishigikira. Ubu buryo ntacyo bwatumarira ahubwo budutera guhuma ntibutone cyangwa ngo twumve ibindi byanditswe bituyobora mu nzira zikwiriye.

A. Uburyo bwa 15: Gushyira Ijambo neza mu bikorwa biva mu kurisobanukirwa neza

Gushyira Ijambo neza mu bikorwa biva mu kurisobanukirwa neza. icyanditswe gishobora kugira uburyo bwinshi gishyirwa mu ngiro, nyamara kigira ubusobanuro bumwe bukwiriye. Urugero ni 1 Timoteyo 3:1-7 haduha uko uyobora itorerero agomba kuba ameze. Ubusobanuro bureba kandi bwerekana ibisabwa uwicara mu mwanya w'ubuyobozi bw'itorero. Ukubishyira mu bikorwa kutwereka ko adashobora kuba umuntu ukijijwe vuba, kuko agomba kuba akuze mu Mwami kandi iyi akaba ari intego y'abantu bose mu itorerero cyane cyane abayobozi.

Gushyira neza mu ngiro Ijambo ry'Imana bivuga ko umuntu aba yakoresheje uburyo n'ingiro nyayo aba yabonye mu gusesengura ibyanditswe yitonze kandi mu budakemwa. Iki gihe aba yashatse kumenya Imana, kubwo gusabana nayo kubw'ubuntu no mu kwizera. Kandi icyo gihe umuntu aba yashatse Yesu Kristo mu mbaraga z'Umwuka Wera.

Ijambo risobanutse neza ribera umuntu umuyoboro w'ubuzima kandi umwigishwa ashaka ubusabane n'Ijambo ry'Imana (mu rugero aba amaze kumenyeramo Ijambo ry'Imana) kugirango agire imyitwarire nk'iya Kristo muri byose kandi ataba umunyamategeko.

B. Inzego eshanu zo gushyira Ijambo mu ngiro

Urwego rwa 1: Gusengera kumva, kuzirikana no gushyira mu bikorwa amahame y'umwuka (Yak 1:5).

Urwego rwa 2: Shaka kumenya ryose kandi neza icyanditswe kigwa. Ibi bisaba kwitondera aho buri Ijambo rihurira n'interuro, aho interuro zihurira ni igika, aho igika gihurira n'igice kandi aho igice kihurira n'igitabo (2 Tim 2:15)

Urwego rwa 3: Shaka kumenya icyo usabwa n'ubusobanuro bw'Ijambo wize. icyo usabwa n'Ijambo kiba kirenze icyo wasabwa n'igihe n'imico. Urugero Ubuhehesi (gukora imibonano mpuzabitsina n'uwo mutashakanye) ni icyaha mu bihe byose n'imico yose. icyo Ijambo rigusaba ni ukureka ubuhehesi (Rom 13:8-10)

Urwego rwa 4: Kurondora ubugingo bwawe ushaka kureba niba uri mu bushake bw'Ijambo, kandi ukirekurira mu Mana kugirango ukosorwe aho waba ukora nabi hose. Aha bisaba kwemera mu kuri amakosa yawe imbere y'Umwami (1 Yoh 1:9) no kongera gusubira mu nzira yo kwizera (Kolo 2:6). Uwiga biba byiza ko yasoma Zaburi ya 51 kandi akareba ibigize kwihana kwa Dawidi, uko yihanyye icyaha cye na Bathsheba (2 Kor 13:5).

Urwego rwa 5: Gendera mu buntu no kwizera. Intumwa Pawulo itubwira ko *"Nuko rero nk'uko mwakiriye Kristo Yesu Umwami wacu aho ari ko mugendera muri we"* (Kolo 2:6). Twamwakiriye kubw'ubuntu mu kwizera (Ef 2:8-9) nubwo tugomba gukora ibikorwa bijyanye n'ubuntu twahawe (Ef 2:10).

C. Imbogamizi esheshatu mu gusobanura Ijambo

Hariho imbogamizi nyinshi mu gusobanura Ijambo ry'Imana. Turarebera hamwe 6 zijyana mu kwibeshya. Twibuke ko nta muntu n'umwe utakwibeshya. Ni by'ingenzi kandi kwibuka aho Pawulo atuburira 1 Abakorinto 10:12 *"Nuko rero uwibwira ko ahagaze, yirinde atagwa."*

1. Kamere

Imbogamizi ya mbere mu gusobanura neza Ijambo ni kamere. Kamere aha ni ubuzima burimo icyaha kuko tubona "kamere" (1 Kor 3:3). Aha bisobanurwa n'uko umuntu aba ayoborwa n'imirimo ya kamere

yananze kwera imbuto y'Umwuka (Gal 5:19-23). Ubu n'ubuzima butatura icyaha (1 Yoh 1:9) kandi bubuze kwihana (2 Kor 12:21).

Iyo uwiga Bibiliya ari mu buzima bw'icyaha–gusambana, gukora ibiteye isoni nke, gusenga ibishushanyo, kuroga, kwangana, gutongana, n'ishyari, umujinya, amahane, kwitandukanya no kwirema ibice, no kugomanwa no gusinda n'ibiganiro bibi, ni bindi nk'ibi (Gal 5:19-21) ubusobanuro atanga buba boyobye. Urugero umwigisha uri mu busambanyi ashaka guhindura inyigisho ivuga ku busambanyi.

Ukuri guhishurwa n'umwuka Wera, iyo umuntu ari mu buzima bwa kamere naho byaba ari igihe gito, ntashobora kumva neza Ijambo ry'Imana kuko ataba ashobora kumva iby'Umwuka (Yoh 16:13).

Umuntu wa kamere ni umuntu usanzwe (1 Kor 2:14) nubwo hari itandukaniro rito. Umuntu usanzwe bivuga umupagani *“Ariko umuntu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka w'Imana kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya kuko bisobanurwa mu buryo bw'Umwuka”* (1 Kor 2:14). Umuntu usanzwe ntaba ashobora kwakira Umwuka Wera, ariko umuntu wa kamere ni uwizeye ariko udafitanye ubusabane n'Umwuka Wera. Nyamara nawe ntashobora kumva Ijambo ry'Imana.

2. Ubwibone

Ubwibone ni wa mutima ushaka gushimwa no gushyirwa hejuru n'abantu. Ubwibone nabwo rero bushobora gutera gusobanura nabi Ijambo. Imigani 16:18 haratuburira: *“Kwibona kubanziriza kurimbuka, Kandi umutima wirarira ubanziriza kugwa”* Iyi ni inama nziza kusobanura Bibiliya.

Nubwo ari iby'ukuri ko tugomba kwiga Ijambo ry'Imana neza tugomba no *“kuryiga m'uburyo bukwiranye”* cyangwa sebwitwira (2 Tim 2:15). Kwiga kw'ibyanditswe kwacu kugomba kuyoborwa n'Urukundo dukunda Umwami na bagenzi bacu (Mar 12:29-31), tudasunikwa no gushaka kwereka abandi ibitekerezo byacu. Kwiga ikintu gishya bidufasha gukura mu Mwuka nyamara iyo tujya mu byanditswe dushakamo ubumenyi bwo kwiyemera ntacyo byatugezaho kuko impamvu zacu ziba zipfuye.

Ntabwo tugomba kwirata uburyo bwacu twigamo Bibiliya, ngo twibwire kouburyo bwacu bunozze ngo maze twibagirwe ko umurimo wibanze ari uw'Umwuka wera mu kumva Ijambo ry'Imana.

3. Kubogama

Indi mbogamizi yo gusobanura neza Ijambo n'ukubogama. Kubogama n'ukugira uruhande uru n'uru umuntu ajyaho, kandi ibi bituma ni ibyanditswe bikoreshwa bityo maze umuntu akayoba. Igihe umuntu yibwira ngo ntabwo nshaka ko ikintu kimera gitya, iyi mwumvire igize imbaraga muri we, ihindura n'ukuri kw'ibyanditswe bimwe na bimwe.

Ikibabaje nuko hari abantu bakoresha Ijambo mu gusobanura Ijambo bishingiye mu myumvire yabo, imyumvire akenshi iba yuzuye amacakubiri n'ayamoko kandi nyamara Bibiliya yo ibibuza cyane:

kuko mwese ababatirijwe muri Kristo muba mwambaye Kristo. None ntihakiriho Umuyuda cyangwa Umugiriki, ntihakiriho imbata cyangwa uw'umudendeze, ntihakiriho umugabo cyangwa umugore, kuko mwese muri umwe muri Kristo Yesu. Ubwo muri aba Kristo muri urubyaro rwa Aburahamu, muri n'abaragwa nk'uko byasezeranijwe (Gal 3:27-29)

Iyaba Imana ifite amacakubiri muri yo, abanyamahanga (batari ubwoko bwayo) ntibagakijijwe.

4. Kubura guhozaho

Iyo tubuze ubushishozi bwo mu Umwuka dushobora kugwa mu buyobe bwo gusobanura Ijambo ry'Imana.

a. Guhozaho mu kwisuzuma mo kwihana

Tubwirwa mu 2 Abakorinto 13:5 *“kwisuzume ubwacu ngo tumenye yuko mukiri mu byo twizera kandi twigerageze”* ntabwo ari ibikorwa byacu gusa twereka Umwami, ahubwo tumwereka n'imigambi yacu n'ibyo twifuzaga kugirango tubigereranye byose n'igikwiriye cy'Ijambo. Iyo dusanze twarakosheje tujyana n'amakosa yacu imbere y'Umwami ngo twezwe 1 Yohana 1:9 hatubwira ngo *“Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose”* Iyo tutabigenje dutyo, twibera abakamere nuko ni Ibyanditswe tukabigoreka.

b. Isengesho rw'ubutitsa

Tubwirwa muri Matayo 7:7-8 *“Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa. Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa.”* Tugomba guhora dusenga kugirango twumve kandi tuzirikane Ijambo ry'Imana. Iyo tunaniwe

kubishyira mu bikorwa, kutubuzza ubusabane n'Imana Data n'ayo magambo uba ugerageza gusobanura.

c. Guhozaho kwiga

Tubwirwa muri 2 Tim 2:15 ko kwiga neza Ijambo ry'Imana ari uguhozaho n'ubushishozi: *"Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri"* Kwiga Bibiliya umuntu adahozaho bituma umuntu atakaza icyerekezo cy'ibitekerezo y'Ibyanditswe.

5. Kutagira uburyo bwiza

Uburyo bwo dusobanuramo Ijambo nabwo bushobora kuba imbogamizi. Imyemerere nshingiro yacu nayo yaba indi mbogamizi ku buryo tumenya Ijambo. Mu rugero tutemera ko Bibiliya yose ari Ijambo ryahumetswe n'Imana (2 Tim 3:16-17), dushobora kugwa mugushaka gukoresha ubwenge n'ubumenyi bwa kimuntu mugusobanura ibitangaza bimwe na bimwe tubona mu byanditswe. Twemera ko Ibyanditswe byose ari ukuri kw'Imana, ibitangaza dusangamo twabyita ukugaragara kw'imirimo y'Imana.

Hari abavugaga ko bamwe mu bakristo aribo bahawe impano yo gusobanura Bibiliya. Nyamara Bibiliya itubwira ko abakristo twese turi abatambyi (1 Pet 2:5,9). Nk'abatambyi dushobora kugera imbere y'intebe y'Uwiteka (Heb 4:16) aho twakwigishwa neza neza n'Imana n'Umwuka Wera (1 Kor 2:15).

Abandi bagoreka ibyanditswe babigira ikimenyetso cyangwa inshigamigani nkaho bagafashe Ijambo uko riri. ikimenyetso bivugako bazana ibindi bintu mu busobanuro bw'Ijambo, Iyo tuvuzeko umwuzure wo mu gihe cya Nowa utarimbuye isi yose ahubwo byari ikimenyetso kerekana kubabazwa bw'inyokomuntu, aha tuba tuguye mu cyaha cyo kugira ibyanditswe ikimenyetso.

Insigamigani bivugaga ko mu Ijambo haba harimo ukuri guke ahandi ari ugukabya kw'imigani. Turamutse na none tuvuzeko umwuzure wabaye ahantu hatwo, nuko nyuma hakabamo gukabya babyitirira isi yose tuba twise Ijambo imigani. Mu mugani niho haba harimo ukuri guke ahasigaye bagakabya.

Hari n'abakabya ndetse iby'uko Ijambo ari ikimenyetso cyangwa insigamigani bakabishyira no kuri Yesu Kristo, kubwo gupfa kwe ku Musaraba ndetse n' izuka rye. Ibyo biramutse ari ukuri Kristo ntabwo yaba yaradupfiriye kubera ibyaha byacu, nta nubwo yaba yarazutse kubwo gucungurwa kwacu. Pawulo avugako twaba duteye agahinda turi n'abo kubabarirwa ibi bitarabaye uko bivugwa. (1 Kor 15).

Gukurikira Ijambo uko rimeze gusa na none utitaye ku mivugire ya Bibiliya yatera imbogamizi. Mu rugero Igitabo cy'indirimo za Salomoni ni Igitabo cy'ibisigo byiza ariko kandi uwabifata uko biri nta busobanuro buzima yakuramo. Nuko rero gufata Ibyanditswe uko biri ni byiza iyo hitaweho imvugo ndetse n'imiterere ya Bibiliya.

6. Gukoresha ubwenge bwacu

Ubwenge bwacu ntabwo bwashobora kumva ubugari bw'Imana. Turamutse dushobora kumva iby'Imana n'ubwenge bwacu twaba abibone. Tubwirwa mu Imigani 3:5-7 *"Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo. Ntiwishime ubwenge bwawe"* Imana ntishaka ko tuyoborwa n'ubwenge bwacu ahubwo ishaka ko tuyoborwa no kwizera.

Dufite isezerano ko umunsi umwe tuzasobanukirwa Umwami wacu. Pawulo yandika mu 1 Abakorinto 13:12 *"Icyakora none turebera mu ndorerwamo ibirorori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk'uko namenywe rwose"* Ibitubere urujijo ubu hari igihe byose bizasobanuka, igihe tuzarebana n'Umwami amaso ku maso (2 Kor 3:18).

Abayuda bo mu kinyejana cya mbere bagize ikibazo gikomeye igihe biringiraga ubwenge bwabo gusa byatumye batamenya ko Yesu ari Mesiya. Dore ikiganiro Yesu yagiranye n'Abafarisayo Matayo 22:41-46:

Abafarisayo bagiteranye, Yesu arababaza ati "Ibya Kristo murabitekereza mute? Ni mwene nde?" Baramusubiza bati "Ni mwene Dawidi." Arababaza ati "Nuko rero ni iki cyatumye Dawidi yabwirijwe n'Umwuka amwita umwami we ati 'Uwiteka yabwiye Umwami wanjye ati: Icara iburyo bwanjye, ugeze aho nzashyirira abanzi bawe munsu y'ibirenge byawe.' Nuko ubwo Dawidi amwita umwami we, none abasha ate no kuba umwana we?" Ntihagira umuntu wabasha kumusubiza ijambo, ndetse uhereye uwo munsu nta muntu watinyutse kongera kugira icyo amubaza.

Yesu yabasubiriyemo Zaburi 110:1 ababaza uko Mesaya yaba umwana wa Dawidi na none akongera akaba Umwami wa Dawudi. Igisubizo ni uko Mesiya ari Imana akaba n'umuntu; gutekereza gutya bihabanye n'ubwenge by'umuntu; sibyo?

D. Inzira umunai umuntu yatsindwa gushyira ijambo mu bikorwa

Hari inzira umunani umuntu yatsindirwamo kuba mu Ijambo ry'Imana, kandi buri umwe ifite igipimo cyayo. Reka turebe kandi ku cyanditswe mu Imigani 3:5-6 *“Wiringire Uwitaka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo.”*

1. Kutiringira Imana ntibiduha imbaraga zo gukora icyo Ijambo ridusaba

Wenda hari igihe ubwenge bwacu bwaba bufungutse, nyamara uyu murimo uraremeye cyane. Mu rugero igihe umuntu yaguye mu cyaha ashaka uwamufasha akamuruhura umutwaro (Abagal 6:1-2) nyamara tukamuhunga.

2. Kwinangira kudahinduka ngo tureke imigenzereze yacu ibusanye n'ukuri kw'Imana

Hari ingero nyinshi ziri mu byanditswe. Urugero rumwe tubona ni mu gihe Yesu yaje ubwa mbere agakiza umuntu wari waravutse ari impumyi nyamara Abafarisayo n'Abatambyi bakanga kwemera uwari wakoze iki gitangaza (Yoh 9:30-34).

3. Kutumvira amahame uzi neza ko ari ay'ukuri

Adamu yari yarabwiye ko atagomba kurya ku giti kimwe cyo muri Edeni kuko byari kumuzanira urupfu. Uru ni urugero rutwerekaga guhitamo kutumvira.

4. Kugwa mu bidutsinda bikatujyana mu myumvire yiy'isi

Hari intabara ihoraho y'umukristo yo kudakunda isi kuko iyi si ihita (1 Yoh 2:5-17). Ibi tubyumva iyo tugeregezwa no gukomera, ubutunzi, ubutegetsu mu buzima bwacu. Bamwe bayoborwa ni irari ryo gukomera, irari ry'amafaranga, anandi ni ubutegetsu, abandi ni ubuhehesi.

5. Kubura impamvu cyangwa inyungu mu gushira mu bikorwa Ijambo ry'Imana mu buzima bwacu.

Urugero rwiza n'abakora ibyo bita byiza kubwabo (Abac 17:6; 21:25). Aha bigaragarira mu kutamenya ubuntu bw'Imana maze mu bibaye, Imana ntigaragare nkiyakoze mu buzima bwacu.

6. Kurebera icyaha mu mategeko cyangwa nkaho kitariho

Abantu bamwe biyongerera mu Ijambo ry'Imana indi myumvire yabo bakiremera izabo nzira zo mu mwuka. Abafarisayo bari bazwi kuri ibi aho biyongereragaho ndetse bakiremera n'ubundi buryo nk'uko bakarabaga intoki (Mar 7:1-4). Imana ntabwo yigeze ishyiraho uko boga intoki. Ikindi ni uko abantu batabona nk'icyaha icyo Imana yavuze neza ko ari icyaha. Urugero ni nk'ubutinganyi (homosexuality) bamwe batita icyaha (Rom 1:26-32).

7. Gukoresha amarangamutima mu ihitamo

Ubusambanyi bwatwara umuntu mu marangamutima, keretse iyo ubwenge bw'Imana bubuganje (Imig 5:1-6).

8. Imitekerereze ibogamye iturutse mu imyumvire mibi, ubuyobe cyangwa ubunebwe

Muri Kristo turareshya twese (Gal 3:26-29) niyo mpamvu kudakunda mugenzi wawe haba mu bitekerezo, mu mvugo cyangwa mu bikorwa umuntu aba atsinze n'itegeko rikomeye dusanga muri Mariko 12:29-31.

Izi nyigisho zibabere umugisha igihe *“mwiga kandi mushaka kwemerwa n'Imana kandi mukwiriranya neza ijambo ry'ukuri”* 2 Timoteyo 2:15.